IKIBWIRIZA CYO KU MUSOZI

TMBC ISOMO #1

Icyatumye
Ikibwiriza cyo ku Musozi kibwirizwa

Igice cya 1
Isomo ry'amajwi: Ikibwiriza cyo ku Musozi 1

Intego: Kumenya Icyatumye Yesu abwiriza kimwe mu bibwiriza bikomeye cyane, Ikibwiriza cyo ku Musozi. (Matayo 4:23-5:12)

"Yesu agenderera ab'i Galilaya hose, abigishiriza mu masinagogi yabo ababwira ubutumwa bwiza bw'ubwami, akiza n'indwara zose n'ubumuga bw'abantu. Inkuru ye yamamara i Siriya yose, bamuzanira abarwayi bose n'indembe barwaye indwara zitari zimwe, n'abatewe n'abadayimoni, n'abarwaye ibicuri n'ibirema arabakiza." (Matayo 4:23-24)

Ikibwiriza cyo ku Musozi gifatwa nka kimwe mu biganiro by'ingenzi cyane Yesu yatanze kandi nka nk'imwe mu nyigisho yibanze cyane, izwiho kugira ubusobanuro bw'inyigisho za Yesu zose. Hari n'abantu benshi batari Abakristo bemera ko iki kibwiriza ari bumwe mu butumwa bw'ingenzi cyane bwigishijwe. Birashoboka ko ari nta cyanditswe cyo muri Bibiliya kivugwa kenshi kandi cyumviranwa cyane nk'iyi nyigisho ya Yesu yo muri Matayo 5-7.

Abantu benshi bari bakurikiye Yesu babitewe n'inyigisho yigishije, n'ikibwiriza yabwirije, ndetse n'ibitangaza byo gukiza indwara yari yakoze. Yabwirije ikibwiriza cyo ku Musozi ubwo abantu benshi bari bamuzengurutse bugufi bw'inyanja ya Galilaya. Yazamutse umusozi maze ahamagara bamwe mu bigishwa be kujyana nawe. Ibi byatumye iyi mbaga y'abantu icikamo ibice bibiri: abasigaye mu kibaya cy'umusozi, bari bahagarariye ibibazo by'isi byose n'abari bazamukanye umusozi nawe bashakaga kuba igisubizo cy'ibyo bibazo. Yesu yatangiye kwigisha no gutoza abayoboke be kugira ngo bazajyane Ubutumwa bwe mu isi mu mbaraga Ze.

1. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Nta kindi gitabo cy'Ubutumwa bwiza bwa Yesu Kristo kivuga Yesu yigishiriza ku musozi.
2. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Nyuma yo kubwiriza Ikibwiriza cyo ku Musozi, Yesu yahise atuma abigishwa be cumi na babiri.
3. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Mu gihe Yesu yari ku isi, abantu babaga bafite ibibazo by'uburwayi bwo mu mubiri no mu mutwe bashyirwaga mu bigo nderabuzima, bagahishwa ubuzima bwa buri munsi.
4. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Ikibwiriza cyo ku Musozi cyafatwa "nk'umwiherero wa mbere wa Gikristo."

Cyeretse aho bisabwe, naho ubundi urasabwa guhitamo igisubizo kimwe wizeye ko ari cyo gikwiriye ikibazo kibajijwe.

5. Yesu yakoze iki abonye abantu benshi bamugana?
   a. Yacitse intege kandi arababara
   b. Yagize ubwibone abitewe no kwamamara Kwe
   c. Yarakajwe no kuba benshi baramusabaga kubitaho.
   d. Yatangiye gutoza abigishwa be ngo bakemure ibibazo by'abo bantu.
6. Ni nde Yesu yabwirije mu Kibwiriza cyo ku Musozi?
   a. Ni rubanda nyamwinshi
   b. Ni abari bababaye n'abari bashonje bari mu kibaya cy'umusozi
   c. Ni abigishwa be bazamukanye nawe umusozi gusa
   d. Ni Matayo gusa, wanditse ikibwiriza cye cyose
7. Kuki Yesu yigishije abayoboke bakeya yahisemo?
   a. Kugira ngo bashimishe abandi n'ubumenyi bafite
   b. Kubatoza ngo babe igisubizo cye mu isi
   c. Gusuzuma ubutumwa bwe ngo arebe niba bwakwemerwa
   d. Kuko ubutumwa bwe butagenewe abantu bose
8. Ni iki muri ibi cyari ingenzi mu murimo wa Yesu hano ku isi?
   a. Kubwiriza
   b. Gukiza indwara n'ubumuga
   c. Gutoza
   d. Ibi byose
9. Yesu yakemuye bibazo bwoko ki?
   a. Ibyo mu mutwe
   b. Ibyo ku mubiri
   c. Ibyo mu mwuka
   d. Ibi byose

Mbese urashaka kuba mwigishwa ki wa Yesu? Mbese wumva icyiza ari uko waba muri benshi bumva Yesu cyangwa muri bake bafatanya nawe kuba igisubizo?

_____

_____

_____

Turashimira Imana ijambo ryayo n'inyigisho ya Yesu,

n’umurimo we wo gukemura ibibazo by’abantu bose. Yisabe kukwigisha uko nawe waba igisubizo cye mu isi.

Kujya Imuhengeri

1. Kuki abantu benshi bakurikiye Yesu kuri uwo musozi? Bari bafite bibazo ki? Ni iki bashakaga?

   _____
   _____
   _____

2. Kuki Yesu yari yicaye yigisha abigishwa be gusa kandi hari abandi bantu benshi cyane?

   _____
   _____
   _____

3. Mbese Yesu yakoresheje ngamba ki ubwo yigishaga Ikibwiriza cyo ku Musozi?

   _____
   _____
   _____

4. Ni bibazo ki Yesu yakemurishije inyigisho ye?

   _____
   _____
   _____

5. Mbese abari bagize ikibazo n’abari bagize igisubizo batandukanywaga na bintu ki?

   _____
   _____
   _____

6. Garagaza incamake y’ubutumwa wowe bwite ukura muri iri somo.

   _____
   _____
   _____

7. Ushyize mu gaciro ibibazo byawe bwite n’imibano yawe bwite, mbese ni gute waba “uwumva” kandi ukaba igisubizo?

   _____
   _____
   _____

Ibigize Ikibwiriza
Cyo ku Musozi

Igice cya 2
Isomo ry’ijwi: Ikibwiriza cyo ku Musozi 2

Intego: Kugaragaza intandaro n’ibigize Ikibwiriza cyo ku Musozi. (Matayo 5; 6; 7)

"Abonye abantu benshi azamuka umusozi, maze kwicara abigishwa be baramwegera. Aterura amagambo ati "Hahirwa abakene mu mitima yabo, Kuko ubwami bwo mu ijuru ari ubwabo. Hahirwa abashavura, Kuko ari bo bazahozwa. Hahirwa abagwa neza, Kuko ari bo bazahabwa isi. Hahirwa abafite inzara n'inyota byo gukiranuka, Kuko ari bo bazahazwa. Hahirwa abanyambabazi, Kuko ari bo bazazigirirwa. Hahirwa ab'imitima iboneye, Kuko ari bo bazabona Imana. Hahirwa abakiranura, Kuko ari bo bazitwa abana b'Imana. Hahirwa abarenganyirijwe gukiranuka, Kuko ubwami bwo mu ijuru ari ubwabo." (Matayo 5:1-10)

Ikibwiriza cyo ku Musozi ni imwe mu nyigisho zikomeye z'ingenzi zo muri Bibiliya. Yesu yigishirije iki kibwiriza hejuru y'umusozi i Galilaya ubwo yahigaga abantu biyitaga abigishwa be kugira ngo bahagarare neza hagati y'urukundo rw'Imana n'akababaro k'abantu bo muri iyi si. Yashishikarije abigishwa be kwifatanya nawe maze bakaba umuyoboro w'urukundo rwe. Yasoje ikibwiriza cye asaba abantu kwiyemeza. Bwahize ubuzima bwa benshi babwumvise. Yatoranyije 12 muri abo bantu ngo bamubere intumwa. Izo ntumwa zabayeho kandi zishwe zizira Yesu kuko zahinduriye abantu kuba abigishwa be ku isi yose.

1. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Kuba umwigishwa wa Yesu ni bwo buryo bworoshye cyane bwo kubaho.
2. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Yesu yigishanyaga ubushobozi, bitandukanye n'ukuntu Abanditsi babigenzaga.
3. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Yesu yatangiye kwigisha iyi nyigisho avuga ku mitekerereze tugomba kugira.
4. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Imitekerereze Yesu yigishije ituma twirebamo imbere.

Cyeretse bivugurujwe, naho ubundi urasabwa guhitamo igisubizo kimwe kuri buri kibazo.

5. Ubutumwa bwiza bwanditswe na Matayo bugaragaza Yesu nka _____.
   a. Umwami
   b. Umubwirizabutumwa
   c. Umutambyi

d. Umugabo w'intungane

6. Ni ibihe muri ibi tubona mu Kibwiriza cyo ku Musozi? (Hitamo ibirimo byose)
   a. Ikibazo giterwa no kuba Umukristo
   b. Gukomezwa gutangwa no kuba Umukristo
   c. Imyitwarire y'Umukristo
   d. Ingorabahizi yo kuba Umukristo
   e. Akaga gaterwa no kuba Umukristo
7. Ni hehe Ikibwiriza cyo ku Musozi gituma tureba?
   a. Imbere muri twe
   b. Hejuru ku Mana
   c. Ku isi
   d. Ibi byose
8. Yesu yigishije abigishwa Ikibwiriza cyo ku Musozi ku nyungu ya nde?
   a. Ku nyungu y'abigishwa bake batoranijwe
   b. Ku nyungu ye no kwamamara kwe
   c. Ku nyungu ya rubanda nyamwinshi bari munsi y'umusozi
   d. Ku nyungu y'abayobozi b'amadini bo muri icyo gihe

Yesu aramutse aguhamagaye ngo muzamukane umusozi ngo wumve inyigisho ye, mbese wamwitaba, mukajyana? Ni buryo ki wabikoramo ubu binyuze mu kwigisha ijambo rye?

_____
_____
_____

Dushimire Imana ko ikunda isi cyane ku buryo ifite igisubizo cy'ibibazo by'isi yose. Yisabe igushoboze gukora icyo ubundi utashobora gukora itagufashije. Ni ukugira imyumvire na kamere Yesu yigishije mu Kibwiriza cyo ku Musozi.

Kujya Imuhengeri

1. Ni kibazo ki giterwa no kuba Umukristo?

_____
_____
_____

2. Ni iki Ikibwiriza cyo ku Musozi kivuga ku mytwarire y'Umukristo?

_____
_____
_____

3. Ni iki Yesu agereranya n'Umukristo ushyira mu bikorwa inyigisho ye y'imyumvire?

_____
_____
_____

4. Umushumba Woodward yigisha ko ubutumwa bwo muri Matayo 5 na 6 bushishikariza "kwireba imbere, kureba abatuzengurutse, no kureba hejuru." Sobanura icyo amagambo "kwirebamo imbere, kureba abatuzengurutse no kureba hejuru" avuze.

_____
_____
_____

5. Gararagaza uko iyi myumvire ihindura umukristo akava mu "kuba ikibazo ahubwo akaba igisubizo."

_____
_____
_____

6. Ni iki wakwigira kuri iyi mirongo cyakugira umunyu n'umucyo mu bakuzengurutse?

_____
_____
_____

7. Ni gute kwiyemeza gushyira mu bikorwa itegeko rikuru bigira umuntu igisubizo?

_____
_____
_____

Ntabwo nshoboye, ariko Irashoboye

Igice cya 3
Isomo ry'ijwi: Ikibwiriza cyo ku Musozi 3

Intego: Kumenya imyitwarire ya mbere n'icyo bivuze kuba "umukene wo mu mutima." (Matayo 5:1-3)

"Hahirwa abakene mu mitima yabo, kuko ubwami bwo mu ijuru ari ubwabo." (Matayo 5:3)

Yesu atangira yigisha abigisha be imiterere myiza umunani kuko buri umwe utangirwa n'ijambo hahirwa. Yesu asezeranya guha umugisha umwigisha wese ufite iyi miterere. Iri jambo "hahirwa" hari ubwo riba rivuze "kwishima," "gutera imbere mu mwuka," cyangwa kuba mu gihe cy'ubuntu." Buri miterere kandi inagira isezerano risobanura uko uwo mugisha uzaza mu buzima bw'uwo mwigishwa.

Imiterere umunani y'uhirwa igaragaza imitekerereze cyangwa imyumvire iyobora ubuzima bw'umwigishwa wa Yesu. Icyatumye yigisha iyi mitekerereze gituma imvugo ivuga ko iyi myumvire y'ubuzima ituma abigishwa be baba igisubizo cya Kristo cy'abarimo kubabara bose bo mu isi bahagarariwe na rubanda nyamwinshi bari munsi y'umusozi.

Imiterere ya mbere y'uhirwa ifitanye isano n'ikibazo abayobozi b'idini babajije Yohana Umubatiza bati: *"None se uri nde ngo dusubize abadutumye"*? (Yohana 1:22) Iyo tudafite imyumvire myiza y'uwo turi we, ntabwo twakwigera tuba igisubizo cy'Umwami. Abahanga batubwira ko amagambo "abakene mu mitima yabo" yanavuga "kumeneka mu mutima." Bivuze ko iyi myumvire isobanura kumeneka, ari cyo kintu

tubona mu buzima bw'abahamagarwa n'Imana kandi ikabatoreza gukora umurimo udasanzwe.

1. Imyumvire ya mbere ni "Hahirwa___mu___kuko__ari__."
2. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Yesu arimo kugerageza kubwira abigishwa be ngo bagurishe ibyo batunze byose maze babe abakene.
3. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Isezerano ry'iyi myumvire ni na ryo dufite iyo twakiriye Yesu nk'Umwami n'Umucunguzi wacu mu buzima bwacu.

Cyeretse aho bivugurujwe, naho ubundi urasabwa guhitamo igisubizo kimwe kuri buri kibazo.

4. Ni iyihe muri myumvire ari urugero rwo kuba "umukene wo mu mutima"? (Hita iriyo yose)
   a. Kugerageza kunezeza Imana tuyereka uko turi beza
   b. Gushaka imyaka y'icyubahiro mu rusengero
   c. Kwaturira Imana n'abantu ibyaha
   d. Guhitamo imyaka yo gukora aho guhitamo iy'icyubahiro
   e. Guhora ushinja abandi ibyaha byabo
5. Vuga umuntu wo muri Bibiliya utanga urugero rwiza rwo kuba "umukene wo mu mutima we." _____ (Mose cyangwa Petero)
6. Dushingiye ku Abafilipi 2:5-11, tubona ko imyumvire yacu igomba kumera nk'iya Yesu Kristo. Soma iki cyanditswe maze uce akarongo ku myumvire yo muri uru rutonde isobanura Yesu.

Guharanira gutsinda	Kwirebaho no kwikunda
Kumera nk'umugaragu	Gushirika ubwoba
Umwibone	Kumvira
Guca bugufi	Umunyamwete
Umunyamahane	

"Mugire wa mutima wari muri Kristo Yesu. Uwo nubwo yabanje kugira akamero k'Imana, ntiyatekereje yuko guhwana n'Imana ari ikintu cyo kugundirwa, ahubwo yisiga ubusa ajyana akamero k'umugaragu w'imbata, agira ishusho y'umuntu, kandi amaze kuboneka afite ishusho y'umuntu yicisha bugufi, araganduka ntiyanga no gupfa ndetse urupfu rwo ku musaraba. Ni cyo cyatumye Imana imushyira hejuru cyane ikamuha izina risumba ayandi mazina yose, kugira ngo amavi yose apfukame mu izina rya Yesu, ari ay'ibyo mu ijuru, cyangwa ay'ibyo mu isi, cyangwa ay'ibyo munsi y'isi, kandi indimi zose zihamye ko Yesu Kristo ari Uwiteka, ngo Imana Data wa twese ihimbazwe." (Abafilipi 2:5-11)

7. Kuba "umukene wo mu mutima" bisobanurwa n'ijambo rimwe ari ryo guca bugufi. Soma ibi byanditswe maze uhitemo igisubizo cya buri kibazo:

1 Petero 5:5-7- Ni nde Imana ihera ubuntu?
   a. Umwibone
   b. Umunyamwete
   c. Umunyakuru
   d. Uca bugufi

Abaroma 12:3- Ni gute tugomba kwitekerezaho?
   a. Twishyira hejuru
   b. Neza tutirata
   c. Twishinja
   d. Ntabwo tugomba kwitekerezaho na mba

"Namwe basore mugandukire abakuru. Mwese mukenyere kwicisha bugufi kugira ngo mukorerane, kuko Imana irwanya abibone naho abicisha bugufi ikabahera ubuntu. Nuko mwicishe bugufi muri munsi y'ukuboko gukomeye kw'Imana, kugira ngo ibashyire hejuru mu gihe gikwiriye. Muyikoreze amaganya yanyu yose, kuko yita kuri mwe." 1 Petero 5:5-7

"Ndabwira umuntu wese muri mwe, mbwirijwe n'ubuntu nahawe, mwe kwifata uko mutari, ahubwo mutekereze mwitonze nk'uko Imana yagereye umuntu wese kwizera." Abaroma 12:3

Mbese haba hari igice yo mu buzima bwawe kitagaragaza kuba umukene wo mu mutima? Ni ikihe gice? Sobanura uko waba "umukene wo mu mutima" muri icyo gice cy'ubuzima bwawe.

_____

_____

_____

Imana ishimwe ko yaduhaye Yesu mu ishusho y'umugaragu. Atura ko utabasha kuba bene uwo umugaragu kubwawe, ariko yagufasha. Yisabe igushoboze kugira guca bugufi kwa Yesu mu mutima wawe ndetse iguhe n'amahirwe yo gufasha abandi.

Kujya Imuhengeri

1. Kuba "umukene wo mu mutima" bivuze iki? Mbese ni kimwe no kuba umukene w'ubutunzi?

_____

_____

_____

2. Ni gute Mose yabonye "imyumvire myiza" ya mbere- gukena mu mutima?

_____

_____

_____

3. Ni gute Petero yabonye "imyumvire myiza" ya mbere- gukena mu mutima?

_____

_____

_____

4. Ni gute Intumwa Pawulo yabonye "imyumvire myiza" ya mbere- gukena mu mutima?

_____

_____

_____

5. Mbese haba hari igice cyo mu buzima bwawe kitagaragaza kuba umukene mu mutima? Sobanura icyo gice n'ukuntu waba umukene wo mu mutima muri icyo gice

_____

_____

_____

6. Vuga uko imyumvire myiza ya mbere igaragaza ibanga ry'umwuka rya mbere ry'Umushumba Woodward,

"Ntabwo nshoboye, ariko Irashoboye kandi ndi muri yo ndetse nayo iri muri jye."

_____
_____
_____

7. Mbese waba warakiriye uku kuri mu buzima bwawe? Gute?

_____
_____
_____

Abatanga Humure
n'Uburyo bwo Kuruhuka

Igice cya 4
Inyigisho z'Amajwi: Ikiwiriza cyo ku Musozi 4

Intego: Kugira ngo usobanukirwe imyumvire myiza ya kabiri n'iya gatatu menya icyo bivuze gushavura no kugwa neza. (Matayo 5:1-5)

"Hahirwa abashavura, Kuko ari bo bazahozwa. Hahirwa abagwa neza, Kuko ari bo bazahabwa isi."(Matayo 5:4-5)

Abakristo hari igihe batekereza nabi ko baba bagize kwizera guke iyo bagaragaje ibimenyetso byo gushavura. Iyi myumvire ntabwo ishyigira gushavura gusa, ahubwo inabihuza n'umugisha. Gushavuzwa n'uko hari uwo ukunda ubuze cyangwa icyo ukunda kibuze ni ibintu bisanzwe kandi hari ibintu Imana ishaka ko twigira mu gupfusha cyangwa guhomba. Tugomba kwemerera Imana igakoresha gushavura kwacu kugira ngo itunyuze mu nzira eshatu. Icya mbere, gushavura bidufasha kubaza ibibazo nyabyo byerekeye ku buzima. Icya kabiri, bidufasha gushaka ubufasha bw'Imana. Icya gatatu, bidufasha kwakira umugisha Imana yaduhaye, harimo n'agakiza.

Kugwa neza ntabwo ari kimwe no kuba umunyantege nke. Ifarashi y'inyembaraga iratozwa igatuza kandi ikagwa neza kuko iba ifashwe n'ibyuma kandi yiteguye gukoresha izo mbaraga iyo ibaye ngombwa. Yesu yise umugwaneza cyangwa utuje muri Matayo 11:29, ariko kandi ntabwo yari umunyantege nke.

Mu Kubara 12:3 Bibiliya yita Mose ko ari we muntu ugwa neza kurusha abandi bose, kandi yari umunyembaraga cyane ku buryo yayoboye ibihumbi byinshi by'abantu, banyura mu

bigeragezo byinshi cyane mu myaka 40, kugira ngo bagere mu gihugu cy'Isezerano. Kugwa neza ni ubunyembaraga buyobowe, bugandukiye ubushake bw'umutware cyangwa umukuru. Ubugwa neza ni igikorwa cyo mu bushake bwacu. Mu Kigiriki cy'Isezerano Rishya, umwigishwa no kurera bikomoka mu ijambo rimwe. Kuba umwigishwa bisaba uburere, kuba mu kigoyi cyangwa mu bubata bwa Data (Matayo 11:28-30)

1. Imyumvire ya kabiri ni "Hahirwa_____kuko ari bo_____."
2. Yesu avuga gushavura, yari ashatse kuvuga
    a. Kubabazwa n'uwapfuye
    b. Kubabazwa n'icyaha
    c. Kubabazwa n'ukuntu isi isigaye imeze
    d. Ibi byose
3. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Gushavura kugaragaza kubura kwizera.
4. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Gushavura kwatumye Yobu abaza ibibazo by'ubuzim bikwiriye kandi anashaka ibizubizo by'Imana.

Cyeretse bisabwe, naho ubundi urasabwa guhitamo igisubizo kimwe cyiza cyane kuri buri kibazo.

5. Zaburi 23 iduha ibisubizo by'ibibazo twibaza ku rupfu n'ubuzira herezo. Soma Zaburi 23 maze usubize ibi bibazo. Niba Uwiteka ari we Mwungeri wawe…

Umwungeri wawe ni nde? _____

Ni nde uwkitaho? _____

Ni nde usubiza intege mu bugingo bwawe? _____

Ni nde ukuyobora mu nzira ikwiriye? _____

Ni nde ubana nawe no mu rupfu? _____

Ni nde uguhumuriza? _____

Ni nde ugutegurira ameza? _____

Ni nde ugusiga amavuta mu mutwe? _____

Ni nde ugusenderezaho imigisha? _____

Ni nde muzabana iteka ryose? _____

"Uwiteka ni we mwungeri wanjye sinzakena, Andyamisha mu cyanya cy'ubwatsi bubisi, Anjyana iruhande rw'amazi adasuma. Asubiza intege mu bugingo bwanjye, Anyobora inzira yo gukiranuka ku bw'izina rye. Naho nanyura mu gikombe cy'igicucu cy'urupfu, Sinzatinya ikibi cyose kuko ndi kumwe nawe, Inshyimbo yawe n'inkoni yawe ni byo bimpumuriza. Untunganiriza ameza mu maso y'abanzi banjye, Unsīze amavuta mu mutwe, Igikombe cyanjye kirasesekara. Ni ukuri kugirirwa neza n'imbabazi, bizanyomaho iminsi yose nkiriho, Nanjye nzaba mu nzu y'Uwiteka iteka ryose." (Zaburi 23)

6. Dushingiye kuri iki cyanditswe n'ibindi byanditswe byigisha ku rupfu no kuzuka, ni gute umukristo agomba kwifata cyangwa kumera iyo Umukristo yitabye Imana? Ni gute ugomba gutekereza ku rupfu rwawe? Ca akarongo ku

gisubizo cyawe. Hanyuma ushyire agakoni kemeza iruhande rw'ibyiyumviro utizera we yagira.

Yiringiye	Ahangayitse	Atinye	Avangiwe
Ahumurijwe	Akunzwe	Atekanye	Atuje
Atereranywe	Afite amahoro	Acitse intege	Azimiye
Afite Ubwoba	Umwizerwa	Arinzwe	

7. Imyumvire myiza ya gatatu ni "Hahirwa_____ kuko ari bo _____ isi."
8. Kugwa neza ni kimwe n'ijambo_____
    a. Ubushake buke
    b. Kutita ku bintu
    c. Kugengwa
    d. Kugira isoni

"Mwese abarushye n'abaremerewe, nimuze munsange ndabaruhura. Mwemere kuba abagaragu banjye munyigireho, kuko ndi umugwaneza kandi noroheje mu mutima, namwe muzabona uburuhukiro mu mitima yanyu, kuko kunkorera kutaruhije, n'umutwaro wanjye utaremereye." (Matayo 11:28-30)

9. Soma Matayo 11:28-30. Ni nde Yesu abwira kwikorera umutwaro we?
    a. Abarushye n'abaremerewe
    b. Abanyembaraga
    c. Abazamukorera
    d. Abashaka kwiyoborera ubuzima bwabo

Ni mitwaro ki ikuremereye cyane ku buryo utayikorera? Ni gute umutwaro w'ubugwa neza utuma umutwaro wawe woroha n'ubuzima bwawe bukoroha n'ubwo wahura n'ibibazo byinshi cyane?

_____

_____

_____

Imana ishimirwe ibyiringiro iduha niyo duhuye n'urupfu. Yishimire ko yaguhaye amahirwe yo kumwikoreza imitwaro yacu kandi tukikorera umutwaro wa Yesu. Yisabe kugira ngo ikuragire muri buri mibereho y'ubuzima ndetse igufashe kugira imyumvire mizima kuri yo no ku bandi.

Kujya Imuhengeri

1. Mbese waba umutanga humure mu bantu bababaye ariko ntukomereke? Kuki wamuba cyangwa kuki utamuba?

_____

_____

_____

2. Wabonye humure ki ryagukomeza kugira ngo nawe ube wahumuriza abandi baba barimo kubabara nk'uko nawe wababaye?

_____

_____

_____

3. Mbese ni gute gushavura bidufasha guhuza indangagaciro zacu n'iz'Imana

_____

_____

_____

4. Sobanura ukuntu akababaro cyangwa gushavura byatuma umuntu a) abaza ibibazo bikwiriye, b)Yumva ibisubizo by'Imana, kandi c) Yemera cyangwa yizera ibisubizo by'Imana.

_____

_____

_____

5. Sanisha akababaro wagize n'ingaruka kakugizeho mu buzima bwawe?

_____

_____

_____

6. Ni gute wabera igisubizo cya Yesu abantu barimo kubabara?

_____

_____

_____

7. Ni gute imyumvire myiza ibiri ya mbere yuzuzanya nk'igitero cy'indirimbo?

_____

_____

_____

8. Sobanura mu magambo yawe amagambo "kugwa neza" nk'uko akoreshwa muri Matayo 5.

_____

_____

_____

9. Ni mitwaro iremereye cyane utakwikorera? Ni ibihe bice by'ubuzima bwawe biguteza umunaniro mwinshi wo mu mutwe?

_____

_____

_____

10. Ni gute umutwaro w'ubugwaneza woroshya umutwaro wawe n'ubuzima bwawe, nubwo wahura n'ibiguhiga byinshi kandi bikomeye?

_____

_____

_____

11. Umutwaro wa Yesu woroshye mu buhe buryo? Umutwaro we woroshya ute umutwaro wawe?

_____

_____

_____

12. "Kuzura Umwuka" bivuze iki?

_____

_____

_____

13. Ibyitonderwa Yesu yatanze byo "kuruhurwa" ni ibihe?

_____

_____

_____

14. Bivuze iki "gutera imbere mu mwuka"?

_____

Ubukiranutsi bw'Umwihariko

Igice cya 5
Inyigisho y'ijwi: Ikibwiriza cyo ku Musozi 5

Intego. Gusobanukirwa imyumvire myiza ya kane no kumenya icyo bivuze kugira inzara n'inyota byo gukiranuka. (Matayo 5:1-6)

"Hahirwa abafite inzara n'inyota byo gukiranuka, Kuko ari bo bazahazwa." (Matayo 5:6)

Iyo tugwaneza, dushaka kuyoborwa n'Imana, tugira inzara yo gukiranuka. Icyifuzo cyo kubaho ubuzima bwacu intego ari ugushimisha Imana. Tuba dushaka kumenya ukuri kandi tugakora iby'ukuri. Ibyo ukora ndetse n'uko ubikora ni ingenzi cyane ku Mana. Twahamagariwe gukora ibikwiriye, atari ibitworoheye gusa. Iki ni cyo bivuze kugira inzara n'inyota byo gukiranuka.

Ubu turimo kubona ikintu mu myumvire myiza. Iza ifatanye ari ibiri ibiri. Dushavura igihe turimo kwiga kuba abakene bo mu mitima, kandi iyo tubaye abagwaneza tugira inzara n'inyota byo gukiranuka. Kugira inyota n'inzara byo gukiranuka ni ugushaka cyane kumenya ibikwiriye, cyane cyane ibidukwiriye.

Isezerano rijyana n'iyi myumvire ni uko tuzahazwa n'ubukiranutsi dufitiye inzara n'inyota. Ibi kandi binavuze ko tuzuzuzwa n'Umwuka w'Imana. Ni we bukiranutsi nyakuri kandi ni we utumenyesha ibyo ashaka ko dukora.



1. Imyumvire myiza ya kane ni "Hahirwa abafite inzara

n’inyota byo_____ kuko_____.”

2. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Icyifuzo cyo gukora ibikwiriye bisobanuye icyifuzo cyo gukosora ibidakwiriye.

Cyeretse bisabwe, naho ubundi urasabwa guhitamo igisubizo kimwe kuri buri kibazo.

3. Ni irihe sezerano Yesu aha abafite inzara n’inyota byo gukiranuka?
    a. Ntabwo bazongera gukora ibyaha
    b. Bazaba abakiranutsi kurusha abandi
    c. Bazahazwa
    d. Bazagororerwa kubw’imirimo yabo
4. Ni bukiranutsi ki Yesu avuga hano?
    a. Ubutabera bw’Imana n’indangagaciro
    b. Gukora ibikwiriye
    c. Ubunyanga mugayo bw’umuntu bwite
    d. Ni byose
5. Yesu atuyobora muri Matayo 6:33 uko twashyira ku mwanya wa mbere iby’ibanze byacu. Dushingiye kuri uyu murongo, ubukiranutsi bugomba kugira mwanya ki mu buzima bwacu?
6. Soma 1 Petero 2:24. Ushingiye kuri iki cyanditswe, ni iki cyatumye Yesu apfira ibyaha byacu?
    a. Kuko twari abakiranutsi
    b. Kugira ngo dupfeku cyaha
    c. Icya mbere n’icya kabiri
    d. Nta na kimwe mu cya mbere n’icya kabiri
7. Soma Yesaya 61:3. Ushingiye kuri iki cyanditswe, kuki dusabwa gukiranuka?
    a. Kugira ngo n’abandi bifuze gukiranuka
    b. Kugira ngo tugire gushira amanga imbere y’Imana
    c. Kuko Imana idutegeka kumvira
    d. Kugira ngo Imana yubahwe
8. Soma Zaburi 4:5. Muri iki cyanditswe, ubukiranutsi busanishwa n’iki?
    a. Kwizera
    b. Kumvira
    c. Kuramya
    d. Umwete

“Ahubwo mubanze mushake ubwami bw’Imana no gukiranuka kwayo, ni bwo ibyo byose muzabyongerwa.” (Matayo 6:33)

“Ubwe yikoreye ibyaha byacu mu mubiri we abibambanwa ku giti, kugira ngo dupfe ku byaha duhereko tubeho ku gukiranuka. Imibyimba ye ni yo yabakijije.” (1 Petero 2:24)

“Yantumye no gushyiriraho itegeko ab’i Siyoni barira, ryo kubaha ikamba mu cyimbo cy’ivu, n’amavuta yo kunezerwa mu cyimbo cy’ubwirabure, n’umwambaro w’ibyishimo mu cyimbo cy’umutima wihebye, kugira ngo bahereko bitwe ibiti byo gukiranuka byatewe n’Uwiteka ngo bimuheshe icyubahiro.” (Yesaya 61:3)

“Mutambe ibitambo mukiranutse, Kandi mwiringire Uwiteka.” (Zaburi 4:5)

Ni bintu ki byo mu buzima bwawe bikubuza kubanza gushaka Ubwami bw’Imana no Gukiranuka kwayo? Ni mbogamizi ki uhura nazo zikubuza kubaho ubuzima

bukiranutse?

_____
_____
_____

Dushimire Imana ubukiranutsi bwayo, ukwera kwayo n'ubutabera bwayo. Yisabe kugira ngo iguhe inzara n'inyota byo gukiranuka kandi iguhaze burundu.

Kujya Imuhengeri

1. Sobanura icyo Yesu yari ashatse kuvuga ubwo yavugaga ati, "Gukiranuka kwanyu kugomba kuruta uk'Abanditsi n'Abafarisayo."

   _____
   _____
   _____

2. Abafarisayo bari bafite ugukiranuka guteye gute?

   _____
   _____
   _____

3. Yesu aravuga gukiranuka guteye gute?

   _____
   _____
   _____

4. Isezerano ry'imyumvire myiza ya kane ni irihe?

   _____

_____
_____

5. Umushumba Dick Woodward avuga koshywa gukora "Icyoroheje" aho gukora igikwiriye." Ni hehe mu buzima bwawe wumva woshywa kunyura mu nzira yoroheje kandi yihuse, aho kubanza gushaka Ubwami bw'Imana no gukiranuka kwayo?

   _____
   _____
   _____

6. Mbese "Igitambo cyo gukiranuka" ni iki kuri wowe?

   _____
   _____
   _____

7. Ni bintu ki mu buzima bwawe bikubuza kubanza gushaka Ubwami bw'Imana no gukiranuka kwayo?

   _____
   _____
   _____

Imiyoboro y'Urukundo
N'Umutima Wabazwe

Igice 6
Isomo ry'ijwi: Ikibwiriza cyo ku Musozi 6

Intego: Gusobanukirwa imyumvire myiza ya gatanu na gatandatu no kumenya kugira imbabazi no kugira umutima

uboneye. (Matayo 5:1-8)

"Hahirwa abanyambabazi kuko ari bo bazazigirirwa. Hahirwa ab'imitima iboneye, kuko ari bo bazabona Imana." (Matayo 5:7-8)

Ijambo "imbabazi" rivuze "urukundo rutagira icyo ruduca." Iyo Dawidi yanditse muri Zaburi 23:6 ko imbabazi zizamwomaho iminsi yose akiriho, ijambo akoresha komaho risobanuye "gukurikira" cyangwa "gushakisha." Urukundo rw'Imana rutagira icyo ruduca" ruzoma ku buzima bwa Dawidi igihe cyose akiriho. Uru nirwo rukundo natwe tugomba kugirira abandi bantu, niba dushaka kumera nk'Imana.

Iyo turi abanyambabazi, imigambi yacu yibazwaho kandi igashidikanwa. Biterwa n'uko abantu bakunda bagamije ibintu byinshi bitandukanye, imyinshi muri yo usanga ari ukwikunda no kwishakira indamu. Urukundo rutagira icyo ruduca rurakomeye kurusobanukirwa, cyane cyane ku bantu batari bigera barubona babera. Iyo dukunze ari nta cyo duca cyangwa tugamije, nk'uko Imana idukunda ari ntacyo idushakaho ariko ibiterwa n'uko Kristo wazutse atuye muri twe, tuba imiyoboro y'urukundo rwayo. Imigambi yacu iba iboneye.

1. Imyumvire myiza ya gatanu ni "Hahirwa _____, kuko ari bo _____."

2. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Yesu ashaka ko abigishwa be baba imiyoboro y'urukundo rwe rutagira icyo ruca cyangwa rushingiraho.

Cyeretse bivuzwe naho ubundi urasabwa guhitamo igisubizo kimwe gikwiriye buri kibazo.

3. Imbabazi z'Imana zisobanuye iki?
   a. Ntabwo iduhana kandi tubikwiriye
   b. Ikomeza kudukunda iyo dukomeje kuyubaha
   c. Iduha imigisha tudakwiriye
   d. Iduha imigisha ari uko tubanje kubonera mu buzima bwacu
4. Soma Amaganya ya Yeremiya 3:22-23. Mbese imbabazi n'ibambe by'Imana bigirwa bishya inshuro zingahe?
   a. Buri munsi
   b. Buri cyumweru
   c. Buri kwezi
   d. Buri mwaka
5. Soma 1 Yohana 4:16. Ni iki Yohana akoresha gusobanura Imana?
   a. Urubanza
   b. Gukiranuka
   c. Kwera
   d. Urukundo

"Imbabazi z'Uwiteka ni zo zituma tudashiraho, kuko ibambe rye ritabura. Zihora zunguka uko bukeye, umurava wawe ni munini." Amganya 3:22-23

"Natwe twamenye kandi twizeye urukundo idukunda. Imana ni urukundo, kandi uguma mu rukundo aguma mu Mana, Imana ikaguma muri we." 1 Yohana 4:16

6. Muri uru rutonde, ca akarongo ku bintu biranga umwigishwa "w'umunyambabazi."

Arakunda	Yishimira gutanga umugisha
Arikiranura	Arababarira
Aca imanza	Arikunda
Arihangana	Arobanura ku butoni

7. Imyumvire myiza ya gatandatu ni "Hahirwa _____ kuko ari bo_____."
8. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Abigishwa ba Yesu bashaka ko bagirirwa neza n'abo bagiriye imbabazi.
9. Soma 1 Yohana 1:7-9. Hashingiwe kuri iyi mirongo, imitima yacu ibonezwa cyangwa yezwa gute?
   a. No gukora cyane
   b. No kwatura ibyaha byacu
   c. No gukora imihango
   d. No gufata umwanzuro wo kwirinda icyaha

"Ariko rero iyo tugendeye mu mucyo nk'uko nay o iri mu mucyo, tuba dufatanije ubwacu kandi amaraso ya Yesu umwana wayo atwezaho ibyaha byose. Nituvuga yuko ari nta cyaha dufite tuba twishutse, ukuri kuba kutari muri twe. Ariko nitwatura ibyaha byacu ni yo yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu no kutwezaho gukiranirwa kose." 1 Yohana 1:7-9

10. Umuntu uboneye mu mutima we abona ate Imana? (*Hitamo ibyo ubona ko ari ibisubizo bikwiriye byose*)
    a. Imana ikora mu buzima bw'uwo muntu
    b. Imana yiyegereza uwo muntu
    c. Imana yerekana ko Yesu atuye muri uwo muntu
    d. Uwo muntu abona urukundo rw'Imana mu bandi

Mbese abandi bantu bavuga ko uri umunyambabazi?" Ni gute warushaho kuba umunyambabazi? Ni migambi ki ufite mu mibanire yawe n'abandi? Mbese iyo migambi ni ishusho y'urukundo rwera rwa Yesu?

_____
_____
_____

Shimira Imana imbabazi za yo kandi uyaturire buri cyaha cyose ufite. Yisabe kweza umutima wawe kandi iguhe amahrwe yo kugirira abandi imbabazi.

Kujya Imuhengeri

1. Yesu yakoresheje ngamba ki mu Kibwiriza cyo ku Musozi?

_____
_____
_____

2. Kuki imyumvire myiza ine ya kabiri itakwigwa kandi igashyirirwa mu bikorwa mu ibanga?

_____
_____
_____

3. Sobanura itandukaniro riri hagati y'urukundo rugira ndetse n'urutagira icyo rushingiraho.

_____
_____
_____

4. Ni bantu ki mu buzima bwawe ukunda hari icyo ushingiyeho cyangwa ugamije?

_____
_____
_____

5. Ni bantu ki mu buzima bwawe ukunda ari nta cyo ushingiyeho cyangwa ugamije?

_____
_____
_____

6. Ni iki cyatuma ukunda abantu benshi nta cyo ugamije, cyane cyane abo ukorana na bo?

_____
_____
_____

7. Ni mpinduka ki ibi byazana muri bo? Muri wowe?

_____
_____
_____

8. Mbese itandukaniro riri hagati y'imyumvire ine ya mbere n'ine ya kabiri ni irihe?

_____
_____
_____

9. "Kubonera mu mutima" bivuze iki?

_____
_____
_____

10. Mbese ijambo *kubagwa* rifitanye sano ki n'imyumvire yo "*kubonera mu mutima*"?

_____
_____
_____

11. Kuki abanyambabazi bagomba kugira umutima uboneye kugira ngo bageze urukundo rw'Imana ku bandi?

_____
_____
_____

12. Ni iki wakora kugira ngo urukundo rwawe rube urukundo rw'Imana rutagira icyo rugamije?

_____
_____
_____

13. Ni ubuhe buryo Imana yakoresheje kukwereka urukundo rwayo rutagira icyo rugamije?

_____
_____
_____

14. Muri Zaburi 51, Dawidi arataka ati, “Mana, undememo umutima wera, unsubizemo umutima ukomeye.” Kuki ibi ari ingenzi cyane kugira urukundo rw’Imana rutagira icyo rugamije rube rwagera ku bandi?

_____
_____
_____

Abunzi

Igice cya 7
Ikibwiriza cy’amajwi: Ikibwiriza cyo ku Musozi 7

Intego: Gusobanukirwa imyumvire myiza ya karindwi no kumenya icyo bivuze kuba umuntu ukiranura. (Matayo 5:1-9)

“Hahirwa abakiranura, kuko ari bo bazitwa abana b’Imana.” - Matayo 5:9

Ikiremwa muntu cyatanudkanye n’Imana. Ni cyo gituma abigishwa ba Kristo, abageze hejuru ku musozi, bagomba kumanukana umugambi. Niba twarunzwe n’Imana, umubano wacu nayo waratunganyijwe, birumvikana ko Imana yadukoresha gufasha abandi kugira ngo nabo biyunge n’Imana. Idufasha no kwiyunga n’abandi ndetse inadukoreshe gufasha abandi kwiyunga. Imyumvire myiza ya karindwi ivuga umurimo abagomba kuba igisubizo cy’Imana bagomba gukora.

1. Imyumvire myiza ya karindwi ni, “Hahirwa_____, kuko ari bo bazitwa_____.”
2. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Buri muntu wunzwe n’Imana yaba umwunzi.
3. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Kuba umukiranura bivuze gufasha abantu kwiyunga n’Imana, ariko ntaho bihuriye no kubafasha kwiyunga na bagenzi babo.
4. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Abashumba n’abandi bavuga butumwa babigize umwuga nibo bonyine bafite ubushobozi bwo gufasha abantu kwiyunga n’Imana.

Soma 2 Abakorinto 5:14-21maze uhitemo igisubizo kimwe cya buri kibazo muri ibi bibazo bine bikurikira.

5. Ni iki kiduhatira kubwira abandi ubutumwa bw’Imana butanga agakiza (umurongo wa 14)?
    a. Ni amategeko yayo
    b. Ni urukundo rwayo
    c. Ni uko dushinjwa mu mitima
    d. Ni impano n’ingabire zacu
6. Ni gute Imana yiyunga n’isi muri Kristo? (Umurongo 19)?

a. Atwigisha uko twayishimisha
b. Atubwira ko ari nta cyaha kibaho
c. Atubwira ko icyaha atari ikintu gikomeye
d. Ntabwo atubaraho icyaha

14 Urukundo rwa Kristo ruraduhata, kuko twemejwe nk'uko Umwe yapfiriye bose ari ko bose bapfuye, 15 kandi yapfiriye bose kugira ngo abariho be gukomeza kubaho ku bwabo, ahubwo babeho ku bw'uwo wabapfiriye akanabazukira. 16 Ni cyo gituma uhereye none tutazagira uwo dutekereza dukurikije amasekuruza, nubwo ari ko twatekerezaga Kristo, ariko noneho ntitukimutekereza gutyo. 17 Umuntu wese iyo ari muri Kristo aba ari icyaremwe gishya, ibya kera biba bishize. Dore byose biba bihindutse bishya. 18 Ariko ibyo byose bituruka ku Mana yiyunze natwe ku bwa Kristo, ikaduha umurimo wo kuyunga n'abandi, 19 kuko muri Kristo ari mo Imana yiyungiye n'abari mu isi ntiyaba ikibabaraho ibicumuro byabo, kandi noneho yatubikije ijambo ry'umwuzuro. Ni cyo gituma tuba intumwa mu cyimbo cya Kristo, ndetse bisa n'aho Imana ibingingira muri twe. Nuko rero, turabahendahenda mu cyimbo cya Kristo kugira ngo mwiyunge n'Imana, 21 kuko Utigeze kumenya icyaha Imana yamuhinduye kuba icyaha ku bwacu, kugira ngo muri we duhinduke gukiranuka kw'Imana." —2 Abakorinto 5:14-21

7. Iyi nshingano yo gutanga ubutumwa bw'agakiza ni iya nde (umurongo 19)?
   a. Imana izabyikorera cyangwa yohereze abamarayika.
   b. Buri muri Bibiliya; abantu babubona babushatse. SEP
   c. Ni twe ntumwa
   d. Bakeya bazi kuvuga neza nibo bahabwa iyi nshingano.

8. Ni gute wasobanura imyumvire ya Pawulo mu murongo 20?
   a. Nta gahunda
   b. Agira ishyaka n'umwete
   c. Afite uburakari kandi aca imanza
   d. Nta mpuhwe kandi ntabwo yita ku bantu
9. Ni buryo ki bwiza umuntu yabamo "intumwa" ya Kristo, cyangwa umwunzi w'Imana n'abantu ndetse n'abantu n'abandi? (Hitamo ibisubizo byose ubona ko ari ukuri)
   a. Kubwiriza abandi ubutumwa bwiza
   b. Kujya mu rusengero gutera kenshi
   c. Garagaza urukundo n'imbabazi z'Imana
   d. Garagariza abantu ibyaha byabo maze ubabwire ko bagomba guhinduka
   e. Ihanganire abantu batazi Imana
   f. Inginga abantu kugira ngo bamenye ukuntu umubano wabo n'Imana ari ingenzi
   g. Ntukabane n'abanyabyaha.
10. Utekereza ko igituma abunzi bazitwa abana b'Imana ari iki? (Hitamo ibisubizo byose ubona ko ari ukuri)
    a. Barumvira kandi bagakora umurimo wa yo.
    b. Basa na yo. SEP
    c. Babyawe n'Umwuka wa yo.
    d. Baguze igikundiro cya yo.

Ni iki urimo gukora kugira ngo wunge abantu n'Imana? Mbese haba hari umuntu ugomba kwiyunga nawe? Niba ari byo, ni iki Imana ishaka ko ubikoraho? Ni iki urimo gukora kugira ngo ufashe abantu kwiyunga na bagenzi babo?

_____
_____
_____

Imana ishimwe ko yohereje Yesu kutwunga n'Imana kandi ikaba itatubaraho ibyaha byacu. Saba Imana igufashe kuba intumwa ya yo ndetse inaguhe amahirwe yo kuyiyoboraho abandi. Saba Imana igufashe kwiyunga na buri muntu ugomba kubana amahoro nawe.

Kujya imuhengeri

1. Mbese bivuze iki kuba Imana yariyunze n'abantu?
   _____
   _____
   _____
2. Igitangaza cyubwiyunge ni iki?
   _____
   _____
   _____
3. Umurimo w'ubwiyunge n'iki?
   _____
   _____
   _____
4. Ni murimo ki urimo gukora kugira ngo abantu biyunge n'Imana?
   _____
   _____
   _____
5. Mbese haba hari umuntu ugomba kwiyunga nawe? Niba ari byo, ni iki Imana ishaka ko ubikoraho?
   _____
   _____
   _____
6. Ni iki wakora kugira ngo ufashe abantu biyunge na bagenzi babo? Mbese haba hari icyo urimo gukora gufasha abandi kwiyunga?
   _____
   _____
   _____
7. Utekereza ko ari iki ikizatuma abunzi bitwa abana b'Imana?
   _____
   _____
   _____

Abakiranura Batotejwe
n' Amasezerano, Amasezerano

Igice cya 8
Inyigisho y'ijwi: Ikibwiriza cyo ku Musozi 8

Intego: Kumenya imyumvire myiza ya munani no kumenya uko twakwitwara mu gihe cyo gutotezwa. (Matayo 5:1-10)

"Hahirwa abarenganyirijwe gukiranuka, kuko ubwami bwo mu ijuru ari ubwabo." Matayo 5:10

Hari impamvu ituma imyumvire myiza y'abakiranura ikurikirwa n'imyumvire myiza yo gutotezwa cyangwa kurenganywa. Bakora umurimo wo kunga bajya bahura n'ingaruka zibabaje kuko baba bagendana na Yesu Kristo. Kuba abakiranura hari ubwo byatuma abigishwa ba Yesu bajya ahantu hari imirwano mibi cyane. Hari n'ubwo batakaza ubuzima bwabo. Umwigisha ufite "imyumvire myiza" acyahisha abantu ubuzima badafite. Iyo abantu bo mu isi bacyashywe n'umwigishwa nyakuri, bashobora kumenya ko ari uko bagomba kubaho, cyangwa bakarwanya uwo mwigishwa usa na Yesu. Kenshi bakora iki cya nyuma.

1. Imyumvire myiza ya munani ni "Hahirwa _____gukiranuka,' kuko_____ ari ubwabo.
2. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Iyi myumvire ireba buri muntu wese utoterezwa impamvu iyo ari yo yose.
3. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Umuntu abuze ubuzima bwe kubwa Yesu, aba arimo kugaragaza ko Yesu ari Umwami we.

Cyeretse bivuzwe, naho ubundi urasabwa guhitamo igisubizo kimwe gikwiriye buri kibazo.

4. Soma Ibyakozwe 5:40-41. Intumwa zitwaye zite mu gutotezwa?
   a. Bagize ubwoba barahunga
   b. Barwanye nabo
   c. Bahisemo kumvira abategetsi
   d. Bashimishijwe n'amahirwe yo gutotezwa bazira Yesu.
5. Soma 1 Petero 4:12-14. Dushingiye ku murongo wa 12, Abakristo bagomba gufata gutotezwa nkaho ari:
   a. Kibi kandi kidasanzwe
   b. Ikimenyetso cy'urubanza rw'Imana
   c. Ikintu gisanzwe kandi kibaho mu buzima bwa Gikristo

d. Ikintu cyoroshya

6. Dushingiye kuri 1 Petero 4:14, tubona ko gutotezwa ari ikimenyetso cy'iki?

a. Kubaho k'Umwuka w'Imana mu buzima bwawe.
b. Umujinya w'Imana kubw'ibyaha byawe.
c. Ko utarimo kumvikana n'isi nk'uko bigomba kumera.
d. Kubura k'Umwuka w'Imana n'umugisha wayo mu buzima bwawe.

"Baramwumvira, nuko bahamagara intumwa barazikubita, bazibuza kwigisha mu izina rya Yesu maze barazirekura. Ziva imbere y'abanyarukiko zinejejwe n'uko zemerewe gukorwa n'isoni bazihora iryo zina." Ibyakozwe 5:40-41

"Bakundwa, mwe gutangazwa n'ikome ryo kubagerageza riri hagati yanyu ngo mumere nk'abagushije ishyano. Ahubwo munezezwe n'uko mufatanije imibabaro ya Kristo, kugira ngo muzanezerwe mwishima bihebuje, ubwo ubwiza bwe buzahishurwa. Ubwo mutukwa babahora izina rya Kristo murahirwa, kuko umwuka w'ubwiza aba kuri mwe, ari we Mwuka w'Imana." 1 Petero 4:12-14

7. Utekereza ko ari iki gituma isi irwanya abagaragaza imyumvire cyangwa kamere ya Kristo? (Hitamo ibyo ubona byose ko ari igisubizo)

a. Abagaragaza Yesu bacyahisha abandi icyo bagomba kuba cyo.
b. Imyumvire cyangwa kamere ya Yesu ntabwo ihamanya n'imikorere n'imico y'isi.
c. Imyumvire cyangwa kamere ya Yesu ni ukwikiranura kandi ishora intambara
d. Icyaha n'ubukiranutsi bihora bigongana
e. Imyumvire na kamere ya Yesu ntabwo yihanganira ikintu na kimwe kandi ntifata abantu bose kimwe.

Mbese ni iki ukora mu gihe cyo gutotezwa cyangwa kubabazwa? Mbese hari uburyo watekereza bwo kugaragaza kamere y'Imana igihe waba urimo gutotezwa cyangwa kubabazwa? Ni ubuhe?

_____
_____
_____

Imana ishimwe koi ha umugisha abatotezwa cyangwa bababazwa ari yo bazira. Sengera bene Data barimo gutotezwa no kubabazwa bazira ubutumwa bwiza bwa Yesu kugira ngo bakomeze gukomera no kuba abizerwa. Saba Imana igushoboze kugaragaza imyumvire ya Yesu ndetse iguhe n'imbaraga igihe abantu bakwanze baguhora ko uri umuyoboke wa Yesu.

Kujya Imuhengeri

1. Sobanura igituma imyumvire myiza ine ya mbere yitwa imyumvire yo kuza, maze ine ya kabiri ikitwa imyumvire igenda?

_____
_____
_____

2. Umushumba Woodward avuga amategeko ane y'umwuka:

Ntabwo nshoboye ariko we arashoboye, kandi ndi muri we nawe ari muri jye, ntabwo nshaka kubikora ariko we arabishaka kandi ndi muri we nawe ari muri jye, ntabwo ari jye ariko niwe, kandi ndi muri we nawe ari muri jye, ntabwo nabikoze, ahubwo niwe wabikoze, kuko nari muri we nawe yari muri jye.

Kuki kandi ni gute buri jambo muri aya magambo rifitanye isano na buri imyumvire ibiri ibiri ihujwe?

_____
_____
_____

3. Mbese imyumvire myiza ya munani yaba isobanuye ko umwigishwa wa Yesu agomba gushakisha gutotezwa azizwa Yesu?

_____
_____
_____

4. Umushumba Woodward atugira inama yo gufata imyumvire myiza yose mu mutwe. Wari wabikora? Niba utarabikora, mbese ubu nonaha wakwiyemeza kubikora?

_____
_____
_____

5. Hari umuntu uzi wanga Yesu? Sobanura.

_____
_____
_____

6. Aba bantu ni gute bafata abayoboke ba Yesu babishyira ku mugaragaro?

_____
_____
_____

7. Umushumba Woodward agira ati, ibyerekeye ku Myumvire myiza, "Dukeneye gusuzumwa uhereye ku ijosi ukazamura." Ni gute twakwisuzumisha cyangwa twakwisuzuma uhereye ku ijosi ukazamura"?

_____
_____
_____

8. Ni iki imyumvire myiza ibiri ya mbere itubwira ku kuntu Imana ihura na twe?

_____
_____
_____

9. Ni buryo ki (gute kandi kuki) abakene mu mitima yabo bazahabwa Ubwami bwo mu Ijuru?

_____
_____
_____

10. Kuki abayoboke ba Yesu, abagaragaza "imyumvire myiza" bajya bahura n'ingaruka mbi zibabaje cyane?

_____
_____
_____

11. Ni buryo ki gutotezwa no kubabazwa bya umugisha?
_____
_____
_____

12. Ubundi, ni gute umera iyo urimo gutotezwa cyangwa kubabazwa? Ni buryo ki wagaragaza kamere y'Imana igihe waba urimo gutotezwa? Ni gute?
_____
_____
_____

13. Kuki Imana isezeranya ko abagwa neza bazaragwa isi?
_____
_____
_____

14. Kuki Umushumba Woodward yahaye agaciro gukora ijoro nk'umukozi ufasha abantu?
_____
_____
_____

Imyitwarire n'Umuco

Igice 9

Inyigisho y'Ijwi: Ikibwiriza cyo ku Musozi 9

Intego: Gusobanurwa uruhare rw'Umukristo mu gihugu binyuze mu bintu bine Yesu yakoresheje asobanura guhamya k'umwigishwa we. (Matayo 5:11-16)

"Muri umunyu w'isi. Mbese umunyu nukayuka uzaryoshywa n'iki? Nta cyo uba ukimaze keretse kujugunywa hanze, abantu bakawukandagira." (Matayo 5:13)

Imyumvire myiza niyo yari ishingiro ndetse n'ingenzi cyane mu Kibwiriza cya Yesu cyo ku Musozi. Akoresheje iyi myumvire myiza umunani, yasobanuye kamere n'imyitwarire y'ubumana yahindura isi. Mu gice gikurikiraho, atanga ibisobanura ndetse n'ishyira mu bikorwa by'Ikibwiriza cye.

Nyuma yo gutanga ubusobanuro bwe bw'imyumvire myiza, Yesu aduha ingero ennye zikomeye cyane zisobanura ikiba iyo Abakristo babaye igisubizo cy'Imana mu isi. Abizera bakaba umunyu w'isi, umucyo w'isi, itabaza ku gitereko, n'umurwa ku musozi.

Urugero rwa mbere Yesu yakoresheje yigisha abigishwa be ni uko bari umunyu. Umunyu urinda inyama kubora, kandi

Abakristo bafite imyumvire ya Yesu bameze nk'umunyi mu isi. Iyo Abakristo bafite kamere ya Yesu basizwe ku bantu bo mu isi nk'uko umunyu usigwa ku nyama, ubuzima bwabo burinda isi kwangirika no kubora burundu. Baba ubutunzi bw'agaciro Yesu akoresha guhindura igihugu n'aho batuye.

1. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Abantu benshi bavuga ko Imyumvire ari yo nyigisho nyamukuru y'Ikibwiriza cyo ku Musozi maze ibindi bikaba ishyira mu bikorwa.
2. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Imyumvire itubwira indangagaciro z'Ubwami bw'Imana.
3. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Intego nyamukuru y'inyigisho ya Yesu kwari uguha ubumenyi bwinshi, ntabwo byari ukwereka abayoboke be uko bagomba kubaho.
4. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Ijambo "Umukristo" rikoreshwa kenshi muri Bibiliya.

Cyeretse bihinduwe, naho ubundi urasabzwa guhitamo igisubizo kimwe gikwiriye ikibazo kibajijwe.

5. Ni gute Yesu yitwaye mu muco runaka?
a. Yahoraga agerageza guhuza nawo
b. Yahoraga yitonda kugira ngo adahuza nawo
c. Yigiraga kure yawo kugira ngo tamugiraho ingaruka.
d. Yagonganaga n'umuco agashaka kuwuhindura

6. Ni uruhe rugero muri izi zose Yesu yakoresheje asobanura abamukurikira? (Hitamo iby'ubona ko ari ukuri byose)
a. Umunyu
b. Umukungugu
c. Amatara
d. Umucyo
e. Umurwa wo ku musozi
f. Igitereko cy'itabaza
g. Ifi

7. Yesu yakoresheje iki kugira ngo ahindure umuco cyangwa abantu?
a. Atanga itegeko rishya
b. Ahindura imitima y'abamwizeye maze akabatuma mu isi
c. Ahindura ubutegetsi bw'ibihugu
d. Aha abantu ubundi bumenyi bwinshi

8. Yesu yaba yaratekerezaga kamaro ki k'umunyi ubwo yatangaga urugero rw'umunyu? (Hitamo ibyo ubona ko ari ukuri byose)
a. Urinda kubora

b. Ikintu cy'agaciro gisimbura amafaranga
c. Ikintu gikiza ibibyimba
d. Ikintu gikiza inyota
e. Umuti weza cyangwa usukura
f. Umuti ukiza
g. Uryoshya ibyo kurya.

Wakora bintu ki byagushoboza kurushaho kubera 'umunyu" abo mubana n'abandi bantu bose?

_____
_____
_____

Imana ishimwe ko ifite ubushobozi bwo guhindura umutima wawe kandi ishimirwe ko ishaka kukohereza mu isi nk'umwambasaderi wa yo cyangwa nk'intumwa ya yo. Saba Imana igukoreshe guhindura igihugu cyawe n'abantu bakuzengurutse.

Kujya Imuhengeri

1. Iyo umuntu afite imyitwarire nk'iya Kristo, aba afite myitwarire ki?

_____
_____
_____

2. Mbese inyigisho za Gikristo zigomba guhamanya n'umuco cyangwa zigomba kuwuhindura? Gute?

_____
_____
_____

3. Sobanura urugero rw'umucyo Yesu akoresha rwo muri Matayo 5:13. Kuki akoresha "umunyu"?

_____
_____
_____

4. Ni iki kigomba gukoreshwa "umunyu" kugira ngo ube igikoresho kizana impinduka?

_____
_____
_____

5. Ni ngamba ki wafata kugira ngo zigufashe kurushaho kuba "umunyu" mwiza aho utuye?

_____
_____
_____

6. Ni buryo ki Yesu yagennye ko ubwoko Bwe buba "umurwa wubatswe ku musozi"?

_____
_____
_____

7. Ni buryo ki wabera urugero n'umucyo abo muturanye?

_____
_____

Umunyu n'Umucyo

Igice cya 10

Inyigisho y'Ijwi: Ikibwiriza cyo ku Musozi 10

Intego: Kumenya uko twaba igisubizo cy'Imana- kuba umunyu n'umucyo w'isi- mu mibano yacu. (Matayo 5:14-16)

"Muri umucyo w'isi. Umudugudu wubatswe ku mpinga y'umusozi ntubasha kwihisha. Nta bakongeza itabaza ngo baritwikirize intonga, ahubwo barishyira ku gitereko cyaryo rikamurikira abari mu nzu bose. Abe ari ko umucyo wanyu ubonekera imbere y'abantu, kugira ngo babone imirimo yanyu myiza, bahereko bahimbaze So wo mu ijuru." Matayo 5:14-16

Umunyu urinda inyama kubora, kandi Abakristo bafite imitekerereze nk'iya Kristo bameze nk'umunyu mu isi. Iyo abigishwa bafite imitekerereze nk'iya Yesu "basizwe" ku bantu b'isi nk'uko umunyu usigwa ku nyama, ubuzima bwabo burinda is kubora burundu. Baba igikoresho cy'agaciro Yesu akoresha guhindura umuco.

Urugero rwa kabiri rugaragaza yuko Abakristo ari bo soko y'umucyo wa benshi bari mu mwijima. Nk'uko biri mu rugero rwa mbere, amagambo ya Yesu asobanuye ko "wowe wenyine" ari wowe munyu n'umucyo w'isi. Abigishwa be nibadasohoza inshingano yabo nk'umunyu n'umucyo, nta muntu wundi ku isi uzabikora. Abantu bafite imitekerereze ya Yesu batumwa mu isi nk'igisubizo cy'Imana kugira ngo bamurikire abari mu mwijima bose babone.

Urugero rwa gatatu n'urwa kane ifitanye isano n'urwa kabiri. Avuga ibyo, Yesu yarimo kuvuga ati, "Mbere yuko uba umwigishwa wange, wari umeze nka buji cyangwa itara ridacanye. Ubwo wamaze kuba Umukristo, itara ryawe riraka. Igihe cyose iyo ncanye buji cyangwa itara, ndishyira mu gitereko cya ryo kugira ngo abandi babashe kubona." Nk'uko umurwa uri hejuru y'umusozi cyangwa itara ryaka cyane ritahishwa, abigishwa ba Kristo nyabo ntabwo babasha kubihisha.

1. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Ntabwo Abakristo bahindura isi baramutse bayivuyemo bakaguma mu "icupa ry'umunyu."
2. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Yesu yaje mu isi kugira ngo ahindure umuco.
3. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Yesu yabwiye abigishwa be ko

bari umucyo kuko irimo umwijima.

4. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Yesu ntabwo ari urugero rwiza rw'umuntu wabayeho ari umunyu n'umucyo?

Cyeretse aho bihinduwe, naho ubundi urasabwa guhitamo igisubizo kimwe cya buri kibazo.

5. Inshingano yacu yo kuba "umunyu" ni ryari igira imbaraga?
   a. Iyo turimo gusoma Bibiliya
   b. Iyo tugiye gusenga mu rusengero
   c. Mu mibanire yacu n'abandi bantu
   d. Mu mibanire yacu n'abandi Bakristo
6. Muri uru rutonde, ca akarongo ku bintu byo mu gihugu cyanyu cyangwa mu muco wanyu wizera ko bikeneye cyane guhindurwa n'ubuzima bwa Gikristo.
   (Hari ubwo ibisubizo byatandukana)

Ingeso	Ubukungu n'ubucuruzi
Urushako	Leta
Imibanire y'Imiryango	Imibanire y'Abantu
Idini	Uburezi
Ibirori	Umuco

7. Utekereza ko bivuze iki kuba umucyo mu isi?
   (Hitamo ibisubizo byose ubona ko ari ukuri)
   a. Kubwira abantu ijambo ry'Imana
   b. Gukora imirimo myiza ufite umugambi mwiza
   c. Kwerekana ubukiranutsi bwawe
   d. Gushaka kurebwa no kwitabwaho
   e. Kugira imyumvire y'ubumana
   f. Kugaragariza abandi urukundo
8. Isoko y'umucyo wacu ni yihe?
   a. Ni ukugiraneza kwacu?
   b. Abandi Bakristo
   c. Mu gaciro kacu k'imbere
   d. Muri Yesu uba muri twe
9. Soma Yohana 17:14. Hashingiwe kuri iki cyanditswe, abigishwa ba Yesu batandukanye bate n'isi?
   a. Ni abantu beza kubaruta
   b. Bafite impano kubarusha
   c. Bahawe Ijambo Rye
   d. Ntabwo batandukanye na mba

"Nabahaye ijambo ryawe, kandi ab'isi barabanga kuko atari ab'isi, nk'uko nanjye ntari uw'isi." Yohana 17:14

*"Si mwe mwantoranyije, ahubwo ni jye wabatoranyije kandi mbashyiriraho kugira ngo mugende mwere imbuto, imbuto zanyu zigumeho kugira ngo icyo muzasaba Data cyose mu izina ryanjye akibahe."*Yohana 15:16

10. Soma Yohna 15:16. Ushingiye kuri iki cyanditswe, ni mpamvu ki yatumye Yesu ahitamo abigishwa be?
    a. Kugira ngo bite ku bintu byabo
    b. Kubana no gufatanya n'Abakristo gusa.
    c. Gucira isi urubanza
    d. Kugenda maze bakera imbuto

11. Iyo Bibiliya ivuze ko Yesu yatoranije abigishwa be ngo bagende bere imbuto, ikoresha ijambo ry'Ikigiriki rivuze "Gushyirwa ahantu kubw'impamvu." Nk'umwe mu bigishwa be, bituma wumba umeze ute kuba Imana yaragushyize ahantu runaka kubw'impamvu? Hitamo ibisubizo byose ubona ari ukuri.

Ukomejwe Utewe ubwoba Ucishijwe bugufi
Ufite intego Ushize amanga Ushima

Ni buryo ki ubuzima bwawe butandukanye n'ubuzima bw'abatazi Yesu? Ni mu yihe mibano yawe ushaka kurushaho kuba umunyu n'umucyo?

_____
_____
_____

Shimira Imana kubw'amahirwe yaguhaye yo kuba umucyo mu mwijima. Yisabe kugushoboza kurabagirana cyane kandi ukera imbuto nyinshi.

Kujya Imuhengeri

1. Kuki Umushumba Woodward avuga ko tugomba kubanza kuba "umunyu" mbere yuko tuba "umucyo"?
   _____
   _____
   _____

2. Mbese ugira uruhare mu buzima bw'abandi bantu ku buryo wababera umunyu n'umucyo? Sobanura gute?
   _____
   _____

_____
3. Ubuzima bwawe butandukanye bute n'ubw'abatazi Yesu?
   _____
   _____
   _____

4. Ni mu yihe mibano yawe ukeneyemo kurushaho kuba umunyu n'umucyo mu isi?
   _____
   _____
   _____

5. Mbese uri umugi wubtase ku mpinga y'umusozi? Ni buryo ki umukozi mugenzi wawe yakubona "nk'umunyu n'umucyo" wo muri Matayo 5?
   _____
   _____
   _____

6. Uzi abandi b'Abakristo mukorana? Wabamenya ute?
   _____
   _____
   _____

7. Kuki aho ukora haba ari ho hantu hakwiriye wabera "umunyu n'umucyo"?
   _____
   _____
   _____

Amategeko y'Imana n'Ubuzima bw'Abantu

Igice cya 11

Inyigisho y'ijwi: Ikibwiriza cyo ku musozi 11

Intego: Gusobanukirwa uko Yesu yasobanuye Amategeko y'Imana n'ubukiranutsi bw'umuntu (Matayo 5:17-20)

"Kandi ndababwira yuko gukiranuka kwanyu nikutaruta ukw'abanditsi n'ukw'Abafarisayo, mutazinjira mu bwami bwo mu ijuru." Matayo 5:20

Abantu benshi batekereza ko Yesu yanyuranye n'Isezerano rya Kera muri iki cyanditswe, ariko yarimo kurwanya inyigisho z'abayobozi b'idini. Yarimo kubwira abigishwa be ati: "Ibyo mbigisha byose biri mu Ijambo ry'Imana, ariko ibyo nigisha bigongana n'ibyo abayobozi banyu b'idini babigishije." Arangije akomereza mu mirongo ikurikiraho asobanura itandukaniro riri hagati y'inyuguti y'amategeko ari yo inyigisho z'Abafarisayo, n'umwuka w'amategeko, ari wo inyigisho za Yesu. Yigishije ko amategeko yagombaga kuba imbere, ntabwo yagombaga kuba hanze; yagombaga gukorerwa Imana cyangwa aho gukorerwa abantu ngo barebe; yagombaga kuba ibyanditswe aho kuba imihango; kandi ko yagombaga gusomwa aho gukoreshwa mu buryarya.

1. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Kugira ngo dushobore kuba igisubizo cya Yesu, tugomba kumenya gukoresha ibyanditswe mu buzima bw'abantu.
2. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Imana yatanze Amategeko ya yo n'Ijambo rya yo kuko ikunda abantu.
3. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Imyigishirize ya Yesu yahabanga cyane n'Amategeko yo mu Isezerano rya Kera.
4. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Yesu yigishije ko umwuka w'amategeko yo mu Isezerano rya Kera wari ukomeye cyane ndetse ureba umuntu ku giti cye kurusha uko abayobozi b'idini bigishaga.

Cyeretse aho bihinduwe, naho ubundi urasabwa guhitamo igisubizo kimwe cya buri kibazo.

5. Yesu avuga iki ku bukiranutsi bwacu muri Matayo 5:20?
   a. Ubukiranutsi bwabo bugomba kuruta ubw'abanyadini

b. Ntabwo bugomba gusa cyangwa guhwana ubw'abanyadini
c. Ntabwo bukiri ingenzi cyane ku Mana
d. Ntabwo bugomba gushingira ku Isezerano rya Kera

6. Soma 2 Abakorinto 3:6. Hashingiwe kuri uyu murongo, ni irihe tandukaniro rimwe ry'ingenzi riba hagati y'inyuguti n'umwuka w'Amategeko?
a. Nta tandukaniro rihari; ni bimwe.
b. Inyuguti yoroha gukurikira cyangwa kumvira.
c. Umwuka ntabwo yanga cyane icyaha
d. Inyuguti irica ariko Umwuka atanga ubugingo

"Ni yo yatubashishije kuba ababwiriza b'Isezerano Rishya batari ab'inyuguti, ahubwo ni ab'umwuka kuko inyuguti yicisha, naho umwuka uhesha ubugingo."—2 Abakorinto 3:6

7. Binyuze mu rukundo rw'Imana, kuki Amategeko yatanzwe?
a. Gucira urubanza no guciraho iteka icyaha
b. Gushishikariza abantu gukora neza
c. Guhindura imibereho y'abantu
d. Gufasha abigisha b'abanyadini kwishima
8. Kuri uru rutonde, ca akarongo ku buryo bubi abayobozi b'idini basobanuraga nabi Amategeko. Nurangiza werekane ukosora uburyo bwiza Yesu yasobanuraga Amategeko.

Hanze y'Umubiri — Ikijyejuru
Hakoreshejwe Ibyanditswe — Imbere
Intambike — Uburyarya
Ni ukuri — Uburyo bwa gakondo

Mbese urabona uburyo ufata ndetse ushyira mu bikorwa ijambo ry'Imana hari isano bifitanye n'ukuntu Abafarisayo babigenzaga? Niba ari ukuri, ni ubuhe buryo? Ni iki wakora kugira ngo urusheho kumera na Yesu?

_____
_____
_____

Imana ishimwe ko itwigisha ubukiranutsi bitewe n'urukundo rukomeye idukunda. Yisabe kugira ngo ikurememo ubukiranutsi mu mutima wiga ndetse wumvira ijambo rya yo.

Kujya Imuhengeri

1. Bivuze iki gushyira mu bikorwa amategekoy'Imana uyanyujije mu rukundo rw'Imana?

_____
_____
_____

2. Ni buryo ki Abafarisayo batubahirizaga iri hame?

_____

_____

_____

3. Kuki inyigisho za Yesu yahakanyaga iz'Abafarisayo? Garagaza itandukaniro ryari hagati y'inyigisho za Yesu n'iz'Abafarisayo.

_____

_____

_____

4. Vuga kandi usobanure icyo ijambo "ubukiranutsi" rivuze nkuko rikoreshwa muri Matayo 5:20

_____

_____

_____

5. Ni gute imyumvire ya Yesu y'ubukiranutsi n'iya Abafarisayo yari itandukanye?

_____

_____

_____

6. Ishyira mu bikorwa ryawe ry'ijambo ry'Imana ryaba rimeze nk'iry'Abafarisayo cyangwa nk'irya Yesu? Wakora iki kugira ngo urusheho kumera nka Yesu?

_____

_____

_____

7. Inyuguti y'Amategeko n'umwuka w'Amategeko bitandukana bite? Kuki "inyuguti yica ariko umwuka agatanga ubugingo?

_____

_____

_____

Amategeko y'Imana na Mwene So

Igice Cya 12
Ikibwirizwa Cyo Ku Musozi 12

Intego: Gusobanukirwa uburyo tugomba kubana n'abandi bizera mu gihe dufite imyitwarire ya Yesu muri twe. (Icyanditswe: Matayo 5:21-24)

"Nuko nujyana ituro ryawe ku gicaniro, ukahibukira mwene so ko afite icyo mupfa, usige ituro ryawe imbere y'igicaniro ubanze ugende wikiranure na mwene so, uhereko ugaruke uture ituro ryawe." Matthew 5:23-24

Yesu yigishije ko ari ingenzi ku bizera, kubagarira no kubungabunga imibano ikomeye kandi yuzuye urukundo. Abayobozi b'amadini bo mu gihe cya Yesu, bigishaga ko kmu gihe utishe cyangwa wakomerekeje mugenzi wawe, umubano wawe na we wabaga wemewe ku Mana. Ariko kuri abo bafite imyitwarire ya Yesu y'imbabazi, bagomba kuyigaragaza; kutabikora bikaba byatambamira kuramya kwacu mu gihe

twiherereye. Tugomba kumenya neza ko nta kibazo na kimwe dufitanye n'umuntu wese Yesu yita "mugenzi" wacu. Uburakari ndetse no kumva dusesemukwa na bagenzi bacu bigomba kubanza gukemurwa niba dushaka kugirana umubano na bo unejeje Imana.

1. Ni ukuri cyangwa Si ukuri? Dupfa kuba dufitanye umubano mwiza n'Imana, n'aho ubundi ntacyo bitwaye kuba imibano yacu n'abandi itameze neza.
2. Ni ukuri cyangwa Si ukuri? Ikintu cy'ingenzi cyonyine mu mibano yacu n'abandi, ni uko tutagira igikorwa cyo kubababaza tubakorera, n'aho ibyo tubatekerezaho mu mitima nta cyo bivuze.
3. Ni ukuri cyangwa Si ukuri? Dushingiye kubyavuzwe na Yesu, tubona ko gutandukana kose hagati y'abavandimwe muri Kristo kugomba gukemurwa iyo bashaka kubana na Kristo uko bikwiye.
4. Ni ukuri cyangwa Si ukuri? Igihe cyose iyo Yesu yavugaga ati, "Byaranditswe ngo…ariko jyewe ndababwira nti…," Yarimo guhakanya ibyo Isezerano rya Kera ryavuze.

Cyeretse aho bihinduwe, naho ubundi urasabwa guhitamo igisubizo kimwe cya buri kibazo.

5. Ni iki Matayo 5:23-24 avuga?
   a. Iyo twacumuweho n'undi muntu?
   b. Iyo twacumuye ku muntu wundi?
6. Soma Mariko 11:25. Iki cyanditswe kivuga iki?
   a. Iyo twacumuweho n'undi muntu
   b. Iyo twacumuye ku muntu wundi

> *"Kandi nimuhagarara musenga hakaba hari umuntu wabagiriye nabi, mumubabarire kugira ngo So wo mu ijuru na we ababababarire ibyaha byanyu."*
>
> - Mariko 11:25

7. Muri Matayo 5:21-24, Yesu atubwira kureba hehe?
   a. Imbere mu mutima
   b. Hejuru ku Mana
   c. Mu batuzengurutse
   d. Hirya

8. Mu nyigisho za Yesu, ni nde "mwene so"?
   a. Abo tuvukana
   b. Abandi bakristo
   c. Abantu duhuje ubwoko
   d. Buri muntu

9. Ni iyihe muri izi ngingo yari ingingo nyamukuru mu nyigisho ya Yesu yo muri Matayo 5:21-14?
   a. Ntabwo tugomba kwica abandi bakristo
   b. Ntabwo tugomba kurakara uko byagenda kose.

c. Itegeko ryo kutica ntabwo twebwe ritureba.
d. Tugomba kumenya gukunda abandi bakristo niba dushaka kubana neza n'Imana.

Suzuma imibano yawe. Ese hari umubano ufitanye n'umuntu cyangwa n'abantu runaka ibangamira kuramya Imana kwawe? Niba ari byo, ni ngamba ki wafata zo kugira ngo ubikemure?

_____
_____
_____

Imana ishimwe ko ishaka ko wowe na yo mugirana umubano ukomeye kandi w'urukundo kandi kuko ishaka kugufasha kugira ngo ugirane umubano ukomeye ndetse w'urukundo n'abandi bantu. Saba Imana kugira ngo ikize cyangwa izure umubano wose wari ufitanye n'abandi Bakristo waba waragize ikibazo kandi igushoboze kubabarira, gusaba imbabazi, ndetse unatere intambwe za ngombwa zose kugira ngo mwiyunge.

Kujya Imuhengeri

1. Kuki uko umuntu afata ibyanditswe bigira ingaruka ku kuntu asobanura ndetse abishyira mu bikorwa?

_____
_____
_____

2. Ni tandukaniro ki rihari hagati y'ubukiranutsi bw'ikijyejuru n'ubw'intambike?

_____
_____
_____

3. Ni iki Umushumba Woodward aba ashatse kuvuga iyo avuze "Kunyuza Ijambo ry'Imana mu rukundo rw'Imana"? Kuki ibi bizana itandukaniro mu ishyira bikorwa?

_____
_____
_____

4. Mbese itegeko rya 6, "ntukice" ryaba rivuga kwiga gusa? Niba atari byo, mbese ibigize iri tegeko ni ibihe?

_____
_____
_____

5. Mbese ubusobanuro bwa Yesu bwagucira urubanza? Niba ari byo, ni iki wabikoraho?

6.

_____
_____
_____

7. Tanga ingero z'ukuntu Abafarisayo basobanura ibyanditswe mu buryo bw'amategeko no guca imanza.

_____
_____
_____

8. Tanga ingero z'icyo wita kugengwa n'amategeko
_____
_____
_____

Amategeko y'Imana, Umubisha Wawe, Abagore, n'Umufasha Wawe

Igice cya 13
Inyigisho y'ijwi: Ikibwiriza cyo ku Musozi 13

Intego: Gusobanukirwa uko Yesu ashaka ko bana n'ababisha bacu, abo dutandukanye ku gitsina, n'abo twashakanye. (Matayo 5:25-32)

"Wikiranure vuba n'ukurega mukiri mu nzira, ukurega ye kugushyikiriza umucamanza, umucamanza ataguha umusirikare akagushyira mu nzu y'imbohe." Matayo 5:25

"Mwumvise ko byavuzwe ngo 'Ntugasambane.' Jyewe ndababwira yuko umuntu wese ureba umugore akamwifuza, aba amaze gusambana na we mu mutima we.'" Matayo5: 27-28

"Kandi byaravuzwe ngo 'Uzasenda umugore we, amuhe urwandiko rwo kumusenda.' Ariko jyeweho ndababwira yuko umuntu wese usenda umugore we atamuhora gusambana, aba amuteye gusamabana, kandi uzacyura uwasenzwe azaba.'" Matayo 5:31-32

Turi mu isi irimo kurushanwa. Hari ubwo umubano wacu n'abo "Duhatana," cyangwa ababisha bacu, umera nabi, ugasanga bashaka no kuturega no kudufungisha. Abigishwa b'abunzi ntabwo barakara cyangwa ngo bageragezе kwiyunga n'abanzi babo. Ahubwo biyemeza kutazigera baba isoko cyangwa inkomoko y'amakimbirane n'ababisha babo.

Yesu yanatwigishije uko twabana n'abo tudahuje igitsina. Kimwe n'ibindi byaha, Yesu avuga isoko,a ri yo: imitima yacu. Niba koko dushaka kuba igisubizo nk'umunyu n'umucyo, tugomba kumenya uko tuyobora ibyifuzo byacu byo gukora imibonano mpuzabitsina.

Inyigisho ya Yesu ku butane ni urugero rw'ukuntu yahakanije ubusobanuro bw'Abanditsi n'Abafarisayo iyo bavugaga Amategeko ya Mose. Ubutane no kwahukana ni icyorezo gikomeye cyane mu nsengero nyinshi muri iki gihe, kandi Yesu yavuze ko ubutane bwa burundu butigeze buba muri gahunda y'Imana y'urushako.

1. Ni Ukuri cyangwa Si ukuri? Yesu adusaba ko twihorera buri muntu agakora icyo ashaka kandi uko abishaka.
2. Ni Ukuri cyangwa Si ukuri? Abigishwa ba Yesu nyakuri ntabwo bagomba kugirana ikibazo n'umuntu uwo ari we wese.
3. Ni Ukuri cyangwa si Ukuri? Biroroshye kunesha icyaha cy'ubusambanyi mbere yuko ureba bwa kabiri, ugatekereza nabi, kandi ugakuyakuya ibitekerezo by'ubuhehesi.
4. Ni Ukuri cyangwa si Ukuri? Inyigisho z'imiterere zo muri Matayo 5 zinavuga ku mubano tugirana n'uwo twashakanye.
5. Nugirana ikibazo n'umuntu ariko bikaba biterwa nawe ho gato ariko cyane cyane bigaterwa n'uwo muntu, utekereza ko Yesu yaba ashaka ko ukora iki?

   _____
   _____
   _____

Cyeretse nibihindurwa, naho ubundi urasabwa guhitamo igisubizo kimwe cya buri kibazo.

6. Ni iyihe myumvire ivuga cyane ku myigishirize ya Yesu yerekeranye n'abanzi bacu?
   a. Imyumvire ya kabiri yo gushavura
   b. Imyumvire ya gatatu yo kugwa neza
   c. Imyumvire ya gatanu y'abanyambabazi
   d. Imyumvire ya karindwi y'abakiranura
7. Utekereza ko Yesu yavugaga iki ubwo yavugaga kunogoramo ijisho ryawe cyangwa guca ukuboko kwawe?
   a. Kurwanya amoshya hakiri kare
   b. Biremewe kureba icya ngombwa ni uko udacumura.
   c. Ibyifuzo byawe byose ni bibi
   d. Ihohotere kugira ngo wirinde gucumura
8. Soma Yakobo 1:13-15. Dushingiye kuri iki cyanditswe, ubona intandaro y'icyaha mu buzima bwacu ari iyihe?
   a. Imana iratwoshya
   b. Ibyifuzo byacu cyangwa ibyo turarikira
   c. Tubagarira koshywa
   d. Urupfu
9. Dushingiye kuri Yakobo 1:13-15, ingaruka yo gukora ibyaha ni iyihe?
   a. Kutanyurwa
   b. Kunyurwa kw'akanya gatoya
   c. Kutemerwa n'Imana
   d. Urupfu
10. Soma Abefeso 5:31-32. Dushingiye kuri ii cyanditswe, ubona urushako ari iki?
    a. Ni umushinga washyizweho n'umuntu
    b. Umubano woroheje kandi utagoye
    c. Ni ishusho ya Kristo n'Itorero
    d. Umuhango w'umuco kandi ukorwa ku mpamvu z'amategeko

"Umuntu niyoshywa gukora ibyaha ye kuvuga ati 'Imana ni yo inyoheje', kuko bidashoboka ko Imana yoshwa n'ibibi, cyangwa ngo na yo igire uwo ibyohesha. Ahubwo umuntu wese yoshywa iyo akuruwe n'ibyo ararikiye bimushukashuka. Nuko iryo rari riratwita rikabyara ibyaha, ibyaha na byo bimaze gukura bikabyara urupfu."
Yakobo 1:13-15

"Ni cyo gituma umuntu azasiga se na nyina akabana n'umugore we akaramata, bombi bakaba umubiri umwe. Ibyo ni ubwiru bukomeye cyane, ariko ibyo mvuga byerekeye kuri Kristo n'Itorero." Abefeso 5:31-32

Umuco wanyu uvuga iki ku makimbirane, irari cyangwa ubuhehesi, n'ubutane bwa burundu? Izo ndangagaciro zanyu zitandukana zite n'ibyo Yesu yavuze?

_____
_____
_____

Imana ishimwe ko ishoboye kuturinda kugwa mu cyaha. Yisabe igushoboze kurwanya amoshya muri buri gice cy'ubuzima bwawe.

Kujya Imuhengeri

1. Ni tandukaniro ki rihari hagati y'umwanzi n'uwo muhanganye?

_____
_____

_____

2. Inshingano yacu ya Gikristo ni iyihe mu mubano wacu n'uwo tuba duhanganye?

_____
_____

_____

3. Mbese gutekereza gusambana ni bibi kimwe no gukora igikorwa cyo gusambana?

_____
_____

_____

4. Isoko cyangwa inkomoko y'icyaha cy'ubusambanyi ni iyihe? Ni iki cyakorwa kugira ngo irwanywe?

_____
_____

_____

5. Umwuka w'amategeko werekeye ku busambanyi ni uwuhe?

_____
_____
_____

6. Yesu akoresha urugero rwo guca ukuboko cyangwa gukuramo ijisho. Uru rugero ruvuze iki?

_____
_____

_____

7. Kunyuza amategeko y'Imana mu muyoboro w'urukundo rw'Imana bivuze iki?

_____
_____

_____

8. Inyigisho ya Yesu ku butane bwa burundu yari itandukaniye hehe n'inyigisho y'Abafarisayo? Kuki zari zitandukanye?

_____
_____
_____

9. Itegeko ry'Imana ryerekeranye no kuzuza isi abantu bazima ni irihe?

_____
_____
_____

10. Ni iki gikenerwa kugira ngo iri tegeko rikore?

_____
_____
_____

11. Kuki Satani aba ashaka gusenya uyu mubano w'urushako?

_____
_____
_____

12. Umushumba Woodward yigisha ko guca inyuma uwo mwashakanye ari yo mpamvu yonyine itangwa n'ibyanditswe yatuma urushako ruseswa. Kuki?

_____
_____
_____

13. Kuki Itangiriro 2:24 ari ingenzi cyane ku itegeko Yesu yatanze ku butane bwa burundu?

_____
_____
_____

14. Ni iki umuco wanyu uvuga ku makimbirane, irari n'ubutane bwa burundu? Mbese izi ndangagaciro zanyu zitandukana zite n'ukuntu Yesu yigishije?

_____
_____
_____

Amategeko y'Imana n'Ijambo Ryawe

Igice Cya 14
Inyigisho y'Ijwi: Ikibwiriza Cyo Ku Musozi 14

Intego: Gusobanukirwa inyigisho ya Yesu ku kurahira no kuvuga ukuri. (Matayo 5:33- 42)

"Ahubwo ijambo ryanyu ribe 'Yee, Yee','Oya, Oya', ibirenze ibyo bituruka ku mubi." Matayo 5:37

"Mwumvise ko byavuzwe ngo 'Ijisho rihorerwe irindi, n'iryinyo rihorerwe irindi. Ariko jyeweho ndababwira kutabuza umuntu mubi kubagirira nabi: ugukubise urushyi mu musaya w'iburyo, umuhindurire n'uw'ibumoso". Matayo 5:38-39

Abayobozi b'idini bo mu gihe cya Yesu bagiraga imikorere

aho indahiro zimwe zemerwaga izindi ntizemerwe. Byari ibintu bibi, imikorere mibi itarubahaga itegeko ry'Imana ryo kutabeshya no kutabeshyera. Yesu yarabishimangiye ko abigishwa be bagomba kuba abantu bayoborwa n'Ijambo ry'Imana kandi bagasohoza isezerano.

Abakuru b'idini nabo barimo kwigisha itegeko ryo mu Isezerano rya Kera mu mwuka mubi ugira uti. Itegeko ryavugaga ngo "Ijisho rihorerwe irindi n'iryingo rihorerwe irindi" ntabwo ryari ryarashyiriweho kuba itegeko rihesha ubutabera ahubwo ryari iryo gukuraho kwihorera k'umuntu wabaga yacumuweho. Ahubwo Yesu we warigishije ngo ntabwo tugomba kuryanya umwanzi natwe tumurwanya. Yarenze ubutabera, noneho avuga umwuka w'Amategeko, ari wo kubabarira.

1. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Yesu yarimo kwigisha ko kuvuga ukuri n'ubunyangamugayo byari ingenzi cyane kuri we.
2. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Yesu ntabwo yashakaga ko abigishwa be biyemeza kandi yenda hari ubwo bananirwa gusohoza ibyo biyemeje gukora.
3. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Inyigisho z'abanditsi n'Abafarisayo zerekeye ku kurahiro no guhiga zakurwaga mu Isezerano rya Kera, ariko Yesu yazitesheje agaciro.
4. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Nta Bibiliya ijya ibuzanya kuyobya hakoreshejwe kubwira abantu igice cy'ukuri cyangwa kutababwira ukuri kose.

Cyeretse nibihindurwa, naho ubundi urasabwa guhitamo igisubizo kimwe gusa cya buri kibazo.

5. Wakumva ubaye ute umuntu aramutse agusezeranyije ikintu runaka ariko ntiyigere asohoza isezerano rye kuko atari abihamije igihe yabikubwiraga?

a. Ntacyo byantwara; abantu barabikora igihe cyose.
b. Byambabaza, ariko ndabyumva. Nanjye ndabikora.
c. Byambabaza kuko ari ukubeshya.
d. Byambaza kuko n'ubundi nari mbizi ko uwo muntu azabikora.

6. Ni iki muri ibi bintu gitanga igisobanuracyiza cy'inyigisho ya Yesu yo kuvuga ukuri cyangwa kuba umunyakuri?

a. Tugomba kuba abanyakuri mu byo tuvuga byose kandi ntituyobye abaozi b'Imana tubigambiriye.
b. Imana ntabwo ibyanga kuba twavuga ukuri ariko na none tukabayobya, icya ngombwa ni uko tutabeshya.
c. Biremewe guceceka ntukosore umuntu niba ibyo byaturinda ibibazo.
d. Tugomba kujya tuvuga uko ibintu tubyumva, nubwo

byakomeretse undi muntu kandi ntawigeze agira icyo ambaza.

7. Inyigisho ya Yesu yakoreshwa ite n'abantu baba mu isi irimo kurushanwa?
   a. Itubwira natwe kurushanwa kimwe nk'abandi
   b. Itubwira gutandukana n'abandi tuba abunzi cyangwa abanyamahoro
   c. Itubwira gushakisha ubutabera maze tukoroshya ibintu byose.
   d. Itubwira kujya tureka ababi gukora ibyo bashaka.
8. Wibwira ko abantu basubiza iki abigishwa bafata iyi nyigisho uko ivuga badasobanukiwe icyo yari ashatse kuvuga? (*Hitamo ibyo ubona ko ari ukuri byose; hari ubwo abantu batandukana ku bisubizo*)
   a. Hari ubwo batangara, yenda bakanakizwa.
   b. Baseka.
   c. Batekereza ko ari nta bwenge dufite
   d. Hari ubwo babonera amahirwe mu kwitanga kwacu
   e. Batwifuza ariko ntabwo dushyira ibintu mu bikorwa

Umuco wanyu ni gute uvuga kubeshya no guhora? Mbese murabyemera? Uramutse ushyize mu bikorwa inyigisho ya Yesu yo kuba inyangamugayo no kubabarira, byahindira bite abo mubana?

_____
_____
_____

Imana ishimwe ko ihora isohoza ibyo yavuze kandi ko itugirira imbabazi. Yisabe kugira ijye ihora igufasha gusohoza ibyo wavuze ndetse no kubabarira abandi.

Kujya Imuhengeri

1. Ni buryo ki uko Yesu yasobanuraga ibyanditswe bitandukanye n'uko Abafarisayo babisobanuraga?

_____
_____
_____

2. Ni gute twavugisha ukuri kandi turimo kwica itegeko rivuga ngo, "Ntukabeshye?"

_____
_____
_____

3. Ni buryo ki Umwami arimo gukoresha gusaba abigishwa be kwirengagiza cyangwa kureka ibyo bagomba kugira ngo badasa n'abntu bo mu isi?

_____
_____
_____

4. Sobanura ijambo "ubunyangamugayo."

_____
_____
_____

5. Umuco wanyu utanga mpamvu ki zo gushyigikira kutavugisha ukuri cyangwa kutagira ubunyangamugayo muri politike? Mu bucuruzi? Mu buzima bwa buri munsi?

_____
_____
_____

6. Haramutse hagize umuntu wo mu gihugu cyanyu cyangwa mu muco wanyu uvugisha ukuri ndetse ufite ubunyangamugayo mu bucuruzi, muri politike, mu kwigisha, cyangwa mu murimo w'Imana, abantu bamuvugaho iki cyangwa bamutekerezaho iki? Mbese yaba icyamamare cyane kandi agahindura abantu benshi?

_____
_____
_____

7. Yesu avuga iki ku kurahira?

_____
_____
_____

Gusa n'Imana

Igice cya 15
Inyigisho y'ijwi: Ikibwiriza cyo Ku Musozi

Intego: Kumenya uko twafata abanzi bacu kandi tukagaragaza urukundo rwa Data uri mu Ijuru. (Matayo 5:38-48)

"Mwumvise ko byavuzwe ngo 'Ukunde mugenzi, wange umwanzi wawe.' Ariko jyeweho ndababwira nti 'Mukunde abanzi banyu, musabire ababarenganya, ni bwo muzaba abana ba So wo mu ijuru, kuko ategeka izuba rye kurasira ababi n'abeza, kandi abakiranuka n'abakiranirwa abavubira imvura.'" Matayo 5:43-45

Mbona iyi mirongo ari yo iruhije cyane gusobanura no gushyira mu ngiro mu nyigisho za Yesu zose. Yigisha igikorwa gikomeye cyane muri iyi yose. Abakuru b'idini bajyaga bigisha ko itegeko ritubwira gukunda bagenzi bacu (kandi ni ko rivuga) no kwanga abanzi bacu (ntabwo ari ko rivuga). Yesu akosora uku kumvirana maze asaba abigishwa be kwiyemeza burundu. Dushingiye ku rwego rwashyizweho n'Imana, ubona gukunda bagenzi bacu n'abanzi bacu ntabwo byashoboka, cyeretse kubw'ikintu kimwe gusa, ari cyo, kugira Yesu agatura muri twe.

1. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Inyigisho z'ikibwiriza cyo Kumusozi, harimo n'izi ziruhije, zahawe abigishwa gusa, ntabwo zahawe rubanda nyamwinshi.
2. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Bibiliya ntabwo itubwira kwanga abanzi bacu.
3. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Ikidutera gukunda abantu ni

ukugira ngo twitwe abana b'Imana.

4. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Kwirinda niyo ndangagaciro ya mbere y'umwigishwa wa Yesu.

Cyeretse bihinduwe, naho ubundi urasabwa guhitamo igisubizo kimwe cya buri kibazo.

5. Ni iki umwigishwa wa Yesu, umuyoboke wa Yesu, yashingiraho azibukira uburenganzira bwe bwo kwihorera cyangwa uburenganzira bwe bwo kwishakira ubutabera?

a. Abakristo nta burenganzira bagomba kugira
b. Abakristo igihe cyose bahora ari bo bari mu makosa kandi bikoza isoni iyo bagiye impaka.
c. Abakristo bahabwa agaciro no kubabara cyangwa gutotezwa.
d. Abakristo bakira Yesu nk'Umwami mu buzima bwabo babishaka kandi batanga byose kubwa Kristo, ubwo rero nta cyo bagira batakaza.

6. Soma Luka 10:30-37. Muri uyu mugani, ni iki gitangaje cyane ku kuba Umusamariya yarafashije Umuyuda?

a. Nta cyo. Abayuda n'Abasamariya bajyaga bafashanya n'ubundi.
b. Abayuda n'Abasamariya baranganaga.
c. Abayuda n'Abasamariya ntabwo bari baturanye ku buryo batajyaga babonana.
d. Abayuda n'Abasamariya bari bafite imico ibiri itandukanye kandi ntabwo bajyaga bavuga ururimi rumwe.

"Yesu aramubaza ati 'Hariho umuntu wavaga i Yerusalemu amanuka i Yeriko agwa mu gico cy'abambuzi baramwambura, baramukubita, barigendera bamusiga asigaje hato agapfa. Nuko umutambyi amanuka muri iyo nzira, amubonye arakikira arigendera. N'Umulewi ahageze na we abigenza atyo, amubonye arakikira aragenda. Ariko Umusamariya wari mu rugenda nawe amugeraho, amubonye amugirira impuhwe, aramwegera amupfuka inguma, amwomoza amavuta ya elayo na vino, amushyira ku ndogobe ye amujyana mu icumbi ry'abashyitsi aramurwaza. Bukeye bwaho yenda idenariyo ebyiri aziha nyir'icumbi ati 'Umurwaze kandi ibyo uzatanga byose birenze ku byo ngusigiye, nzabikwishyura ngarutse.' 'Noneho utekereza ute? Muri abo batatu ni nde wabaye mugenzi w'uwo waguye mu bambuzi?' Aramusubiza ati 'Ni uwamugiriye imbabazi. Yesu aramubwira ati 'Genda nawe ugire utyo.'" Luka 10:30-37

7. Iyo Yesu atubwira gukunda bagenzi bacu, utekereza ko aba avuga iki?

a. Abantu duturanye
b. Abantu duhuje ibara ry'uruhu
c. Abantu duhuje imibereho
d. Inshuti zacu gusa
e. Abantu bose

8. Soma Abagalatiya 2:20. Ushingiye kuri iki cyanditswe, ubona ari mbaraga ki ziturimo kugira ngo zidufashe gukunda abandi, ndetse n'abanzi bacu?

a. Kamere zacu z'ibyaha
b. Ibyifuzo by'imitima yacu
c. Amategeko y'Imana
d. Yesu ubwe

"Nabambanywe na Kristo ariko ndiho, nyamara si jye uriho, ahubwo ni Kristo uriho muri jye. Ibyo nkora byose nkiriho mu mubiri, mbikoreshwa no kwizera Umwana w'Imana wankunze akanyitangira." Abagalatiya 2:20

9. Iyo Yesu avuga kuba abera nk'uko Data ari uwera, aba ashatse kuvuga iki?
a. Tutagira icyaha na mba
b. Twakura tukagera ku mwuzuro w'uko Imana yagennye.
c. Twaba Imana

10. Yesu yashakaga ko abigishwa be bakora iki?
a. Ibyo abandi bose bo mu iso bakora
b. Guhuza n'imikorere ya rubanda
c. Ibyo basabwa gukora n'abakuru b'idini byonyine
d. Ibirenze iby'abandi bose bakora

Mbese abo mubana bakora ibyo bakora byose kugira bigaragaze umuco wanyu cyangwa bigaragaze Kristo? Ni iki mu byitwarire yawe kigutandukanya n'abandi bose bo mu isi?

_____
_____
_____

Imana ishimwe ko yadusezeranije Umwana wayo, Yesu Kristo, ngo abe muri twe. Musabe kugira ngo akuzuzemo imbaraga ze, kamere ye, n'urukundo, kugira ngo umere nka Data wo mu ijuru.

Kujya Imuhengeri

1. Ni he mu byanditswe byera hari itegeko ryo kwanga abanzi wawe?
_____
_____
_____

2. Ni kigutera gukunda abanzi wawe?
_____
_____
_____

3. "Kuba uwera" bivuze iki mu butumwa rusange bwo muri iyi mirongo?
_____
_____
_____
_____

4. Ni nyigisho ki yo mu Isezerano Rishya iruta izindi zose?
_____
_____
_____

5. Umuco wanyu wigisha iki kuri abo bitwa abanzi?
_____
_____
_____

6. Ni buryo ki cyangwa mu yihe mibereho wemeranya cyangwa ukurikiza umuco wanyu? Ni buryo ki utemeranya nawo?

_____
_____
_____

7. Iyo dukoresheje uburengenzira bwacu tukihorera kuri abo baba batugiriye nabi, aho kurekera Imana ubwo burenganzira n'inshingano, tuba twikoreye iki?

_____
_____
_____

Ni Iki Urimo Gukora Kurusha Abandi?

Igice Cya 16
Inyigisho y'Ijwi: Ikibwiriza Cyo Kumusozi 16

Intego: Kumenya igituma Abakristo bagira itandukanro ku bandi bantu bose. (Matayo 5:43-48)

"Nimukunda ababakunda gusa muzahembwa iki? Mbese abakoresha ikoro na bo ntibagira batyo? Nimuramutsa bene wanyu bonyine, abandi mubarusha iki? Mbese abapagani nabo ntibagira batyo? Namwe mube mukiranutse nk'uko So wo mu ijuru akiranuka. Matayo 5:46-48

Nidukurikira Yesu tukagira imyumvire ye, tuzahinduka. Tuzaba umunyu w'isi n'umucyo urasira mu mwijima. Bivuze ko tuzarekera aho kubaho nk'uko abandi babayeho. Tuzakora byinshi kuko dufite Yesu mu mitima yacu. Tuzagira urukundo rwinshi kurusha isi kandi tuzagaragaza ubuntu bwinshi n'imbabazi nyinshi kurusha isi. Nidukora ibyo, tuzamera nka Data wo mu ijuru.

1. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Yesu yavuze ko abigishwa be bagomba kugira itandukaniro n'isi.
2. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Imana inezezwa n'iyo byibuze turamukije abaturamutsa.
3. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Nk'abigishwa ba Yesu, nitudashobora kugira itandukaniro n'isi, nta cyo tuzafasha abari "munsi y'umusozi," abatuzengurutse.

4. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Gukunda umuntu ni ubundi buryo bwo kumubwira ngo turamukeneye.

Cyeretse bihinduwe, naho ubundi urasabwa guhitamo igisubizo kimwe cya buri kibazo.

5. Yesu agira rukundo ki?

a. Urukundo rugira icyo rushingiraho
b. Urukundo rutagira icyo rushingiraho
c. Urukundo rw'igihe gito
d. Urukundo rutagira imbaraga

6. Kuki Imana ishaka ko tumera nka yo? (Hitamo ibisubizo byose bikwiriye)
a. Kugira ngo tuyimenye kandi tuyikunde.
b. Kugira ngo tube igisubizo cya yo mu isi.
c. Kugira ngo duhate abantu gukora ibikwiriye.
d. Ni bumwe mu buryo tuhesha icyubahiro.
e. Kugira ngo twereke abantu ko turi abera kubarusha.

7. Ni he mu byanditswe byera urukundo rw'Imana rugaragara?
a. Ni mu Isezerano rya Kera gusa
b. Ni mu isezerano Rishya gusa
c. Ni mbere yuko Adamu na Eva bacumura gusa ndetse na nyuma yo kugaruka kwa Yesu.
d. Ni hose mu byanditswe byera

8. Nitumera nk'Imana tuzarangwa na bintu ki?
a. Tuzakunda nk'uko Imana ikunda.
b. Tuzanga abanyabyaha.
c. Tuzasobanukirwa nkayo.
d. Tuzaba abanyambaraga nkayo.

9. Imana yatangiye kudukunda ryari?
a. Ubwo twihanaga ibyaha byacu
b. Ubwo twemeraga kuba igisubizo cyayo
c. Yahoze idukunda, n'igihe twari tukiri abanyabyaha
d. Iracyategereje kugira ngo irebe ko dukwiye urukundo rwayo.

Mbese hari umuntu bigukomerera gukunda? Niba ari byo, ni gute urukundo Imana igukunda rwagufasha gukunda uwo muntu? Imana irashaka ko ukunda abantu rukundo ki? Ni iki wakora muri iki cyumweru cyakwereka uwo muntu urukundo rw'Imana?

_____
_____
_____

Imana ishimirwe urukundo igukunda rutagira icyo rushingiraho. Saba Imana amahirwe n'imbaraga zo kugaragariza abandi bantu urukundo rwayo, cyane cyane abadakeka ko wabagirira neza.

Kujya Imuhengeri

1. Bivuze iki kuba icyaremwe gishya muri Kristo? Ni gute

icyaremwe gishya cy'igitsina gore gitandukanye n'igitsina gabo?

_____
_____
_____

2. Sobanura urukundo rwa *agape.* Uru rukundo rutandukana rute n'ukuntu ab'isi bakundana?

_____
_____
_____

3. Iyo urebye mu mibano yawe itandukanye, ni bangahe ukunda utagira icyo ubaca? Ubakunda ute kandi kuki ubakunda gutyo?

_____
_____
_____

4. Ni buryo ki twakoresha kugira ngo turusheho gusa na Yesu?

_____
_____
_____

5. Mbese haba hari umuntu ukugora gukunda? Bisobanure.

_____
_____
_____

6. Ni gute twakunda umuntu uturwanya cyangwa uduhiga?

_____
_____
_____

7. Kuki imigambi yacu iruhije kumenya, kandi ari ingenzi cyane mu mibano yacu n'abantu batandukanye?

_____
_____
_____

Igikorwa cy'Umwuka Cyo Gutanga

Igice cya 17
Inyigisho y'Ijwi: Ikibwiriza cyo Kumusozi 17

Intego: Gusobanukirwa Igikorwa cy'Umwuka cyo Gutanga. (Matayo 6:1-4)

"Mwirinde, ntimugakorere ibyiza byanyu imbere y'abantu kugira ngo babarebe, kuko nimugira mutyo ari nta ngororano muzagororerwa na So wo mu ijuru.... Ahubwo wehoho nugira ubuntu, ukuboko kwawe kw'ibumoso kwe kumenya icyo ukw'iburyo gukora, ahubwo ugire ubutnu bwawe wihererey e. Nuko So ureba ibyihererey e azakugororera." Matayo 6:1, 3-4

Yesu yigishije abigishwa be kumenya imyumvire ihirwa igomba kuba mu mitima yabo, kandi yabigishije gushyira iyo myumvire mu mibano yabo yose. Noneho muri Matayo igice cya 6, asaba abigishwa be kureba mu kindi cyerekezo, kureba

mu cyerekezo cy'umubano wabo n'Imana. Bagomba kubaho nk'abigishwa be bakurikiza indangagaciro, ibikorwa by'umwuka kandi by'ikijyejuru.

Igikorwa cy'umwuka cya mbere Yesu ashaka ko abashaka kumubera igisubizo bagira ni igikorwa cy'ubusonga. Ubusonga bwigishwa na Bibiliya buvuga ko ibyo dufite byose n'icyo turi cyo (ubuzima, ubushobozi, imitungo, amafaranga, imiryango, n'ibindi.) ari iby'Imana, hanyuma twebwe tukaba ibisonga gusa. Kandi ubusonga Imana igororera ni ugutanga mu ibanga kandi kugizwe no kubaha Imana. Kandi bugaragaza intumbero y'ikijyejuru ku Mana aho kuba intumbero y'intambike igamije gushimisha abantu. Yesu yavuze ko abatanga kugira ngo babonwe n'abantu baba bamaze guhabwa ingororano yabo, ari yo: ishimwe ry'abantu. Gukiranuka nyakuri ntabwo kuyoborwa no gushaka gushimisha abantu, kandi Imana igororera mu ruhame ibikorerwa mu ibanga.

1. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Abafarisayo bo bashakaga ko abantu babona uko bitangaga.
2. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Abafarisayo bari urugero rwiza rw'icyo Yesu yashatse kuvuga mu gice cya 5, ubwo yavugaga ngo mureke umucyo wanyu urasire imbere y'abantu.
3. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Mu gice kibanza cya Matayo 6, Yesu akomeza kutwigisha uko tugomba kureba ndetse no kwita ku bandi bantu.
4. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Muri iki gihe nta muntu ufite ikibazo cy'Abafarisayo cyo gushaka kubonwa no gushimwa n'abantu kubw'imirimo yabo.
5. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Ntabwo kugira ibikorwa by'umwuka byonyine bihagije; tugomba no kugira indangagaciro nk'izyo Yesu afite.
6. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Yesu aha agaciro kugaragara ko hanze cyangwa kw'inyuma kurusha kamere y'umuntu.

Cyeretse bihinduwe, naho ubundi urasabwa guhitamo igisubizo kimwe cya buri kimazo.

7. Ni buryo ki bwaba bwiza cyane bwagaragariza indangagaciro undi muntu?

a. Gukomeza kubabwira kugeza ubwo basobanukiwe.

b. Kubahana kugeza ubwo biga isoko.
c. Gusenga gusa ukizera ko Imana izabigisha.
d. Kubereka uko umuntu uzifite abaho.

8. Kuki Yesu yabwiye abigishwa be ko bareka umucyo wabo ukarasira imbere y'abantu, hanyuma akanenga Abafarisayo gukorera ibikorwa byabo by'ubukiranutsi imbere y'abantu kugira ngo babarebe? *(Hitamo ibisubizo byose by'ukuri)*

a. Intego y'imitima y'Abafarisayo yari icyubahiro cyabo bwite.
b. Yesu yagiriye ishyari icyubahiro Abafarisayo babonaga.
c. Abafarisayo bakoreraga mu bukiranutsi bwabo, ariko abigishwa ba Yesu bagombaga kuyoborwa n'ubugingo bw'Imana bubarimo.
d. Yesu yari abayeho ubuzima bw'ikirumira habiri.

9. Kuki Yesu yabwiye abigishwa be gutanga mu ibanga? *(Hitamo ibyo ubona byose ko ari ibisubizo)*
a. Kugira ngo intego zabo zo gutanga zibe ziboneye.
b. Kugira ngo badakorwa isoni n'ubuke bw'ibyo batanze.
c. Kuko atashakaga ko gutanga kwabo gutuma abantu benshi bamukurikira.
d. Kugira ngo bagororerwe n'Imana

Wari wigera uha Imana ariko ufite intego yo kubonwa no gushimwa n'abantu? Niba ari byo, wumvise ubaye ute nyuma yo gutanga?

_____
_____
_____

Imana ishimwe ko ireba mu mitima yacu, ko ishaka ko intego zacu ziba ziboneye, kandi ko igororera ubwitange bwacu. Yisabe kugira ngo igufashe kugira imigambi iboneye mu byo ukora byose.

Kujya Imuhengeri

1. Uushumba Woodward aba ashatse kuvuga iki iyo avuga "kwireba imbere" no "kureba abakuzengurutse"?
_____
_____
_____

2. Vuga amahirwe wahawe yo kugira uruhare mu murimo w'Imana binyuze mu gutanga?
_____
_____
_____

3. Indangaciro zawe ni izihe? Zifitanye sano ki n'iza Yesu?
_____
_____
_____

4. Ijambo “kwatura” rivuze iki mu byumvire ya Bibiliya, urugero ni “atura Yesu”?

_____
_____
_____

5. Kuki impamvu yo gutanga kwacu ari inenzi ku Mwami ndetse no kuri twe?

_____
_____
_____

6. Kuki igikorwa cy’umwuka cyo gutanga kigomba gukorerwa mu ibanga?

_____
_____
_____

7. Ni gute gutanga kwacu kugaragaza umubano tugirana n’abakennye ndetse n’Imana

_____
_____
_____

Igikorwa cy’Umwuka cyo Gusenga
N’Uburyo bwo Gusenga k’Umwigishwa

Igice cya 18
Inyigisho y’Ijwi: Ikibwiriza cyo Kumusozi 18

Intego: Gusobanukirwa igikorwa cyangwa umwitozo w’umwuka wo gusenga. (Matayo 6:5-15)

“Nimusenga ntimukamere nk’indyarya, kuko bakunda gusenga bahagaze mu masinagogi no mu nzira ngo abantu babarebe. Ndababwira ukuri yuko bamaze kugororerwa ingororano zabo. Wehoho nusenga ujye winjira mu nzu ubanze ukinge urugi, uhereko usenge So mwihereranye. Nuko So ureba ibyihererereye azakugororera. ‘Namwe nimusenga, ntimukavuge amagambo muyasubiramo hato na hato nk’uko abapagani bagira, bibwira ko kuvuga amagambo menshi ari byo bituma bumvirwa. Nuko ntimugase na bo, kuko So azi ibyo mukennye mutaramusaba.’” Matayo 6:5-9

Yesu yigishije abigishwa be uko bazajya basenga akoresheje isengesho tujya twita “Isengesho ry’Umwami.” Ariko mbona iri sengesho rigomba kwitwa “Isengesho ry’Abigishwa” kuko Yesu atigeze asenga iri sengesho. Yaravuze ati mujye musenga mutya. Yesu atubwira gusengera ahantu twakinga imiryango maze tukiherera, aho ari nta muntu twashimisha uretse Imana gusa.

Iri sengesho ry'ikitegererezo rifite no kwinginga gushyira Imana ku mwanya wa mbere. Rikagira no kwisabira, ari byo gusabira ibyifuzo by'umwigishwa. Ibi bihamanya n'ubutumwa bwa Bibiliya yose bwo gushyira Imana ku mwanya wa mbere. Iyo tubigenjeje dutya, icyo gihe ntabwo tujya imbere y'Imana tuyishyiriye urutonde rw'ibyo tuyikeneyeho, ahubwo tugenda tuyisaba kumenya ibyo twayikorera. Imana isubiza gusenga kwacu iyo duhuje ubushake bwacu n'ubushake bwayo.

1. Ni Ukuri cyangwa si Ukuri? Iyo Yesu atubwiye kujya dusengera mu ibanga, aba atubwira ko tutagomba kujya dusengera mu ruhame rw'abantu bari mu iteraniro ryo kuramya Imana.
2. Ni Ukuri cyangwa si Ukuri? Ikintu cya ngombwa tugomba guhora twibuka muri buri gusenga kose ni uko tuvugana n'Imana aho gushimisha abantu turi kumwe cyane batuzengurutse.
3. Ni Ukuri cyangwa si Ukuri? Kwita Imana "Data" cyari igitekerezo cyiza kandi gishya cyakoreshwaga n'abigishwa ba Yesu.

Cyeretse nibihindurwa, naho ubundi urasabwa guhitamo igisubizo kimwe cya buri kibazo.

4. Muri uru rutonde, ca akarongo kuri buri gusaba kugaragaza gushyira "Imana imbere." Nurangiza ukosore buri gusaba kose kugaragaza kwinginga k'umwigishwa yingingira ibyifuzo bye.

Izina ryawe ryubahwe
Uduhe none ibyokurya byacu by'uyu munsi
Uduharire imyenda yacu, Nk'uko natwe twahariye abarimo imyenda yacu,
Ibyo ushaka bibeho mu isi
Ahubwo udukize Umubi
Ubwami bwawe buze
Ntuduhane mu bitwoshya.

5. Kuki ari ingenzi kumenya ko Imana ari Data? *Hitamo ibyo ubona byose ko ari ibizubizo)*
    a. Bigaragaza ko ari Imana igira umubano n'abantu kandi ko twavugana nayo kuko turi abana bayo.
    b. Bigaragaza ko yita kuri buri kantu ko mu buzima bwacu.
    c. Bivuze ko tutagomba kuvugana nayo tunyuze mu mutambyi.
    d. Kuko ibi bintu ari ntaho wabisanga mu Isezerano rya Kera ryose.

6. Tuba dushatse kuvuga iki iyo dusenze ngo "Izina Ryawe Ryubahwe"?
    a. Ko izina ry'Imana ryera cyane kuburyo tutagomba kurivuga.
    b. Ko tugomba kubaho kuburyo abantu batubona bakubaha izina ry'Imana.
    c. Ko ikintu cy'ingenzi mu gusenga ari ukumenya

kubwira Imana neza.

d. Ko ari muntu wakwigera amenya Imana.

7. Tuba dushatse kuvuga iki iyo dusenze ngo “Ubwami Bwawe Buze?”
   a. Ko twiteguye kugaruka kwa Yesu.
   b. Ko dushaka ko Imana ikuraho ubutegetsi bw’ibihugu byo mu sis byose.
   c. Ko dushaka kuba mu Bwami bwayo atari ubwacu.

8. Ni iki Yesu yavuaga ubwo yavugaga ngo “Ibyokurya byacu by’uyu munsi”?
   a. Ibyokurya bihagarariye ibyifuzo byacu byose.
   b. Ko tugomba kuryurwa n’ibyokurya gus, nta kindi.
   c. Umutsima uhagararira ibyokurya byo mu mwuka

9. Kuki Yesu agira kwihana cyangwa gusaba imbabazi ibya mbere ku rutonde rw’ibyifuzo byo mu mwuka?
   a. Ni cyo cyifuzo cy’ingenzi cyane kuruta ibindi.
   b. Abigisha be bagenderaga mu byaha.
   c. Imana ntabwo yihutira kubabarira, bisaba ko yingingwa.

10. Iyo dusabye gukizwa umubi, ni iki tuba dusaba Imana ngo ikore?
    a. Idukure mu isi.
    b. Ikoreshe imbaraga zayo maze iturinde Satani.
    c. Iduhe kudahangarwa n’ibigeragezo n’ibyaha.

Mbese amasengesho usenga yibanda ku gushyira Imana imbere? Ni irihe sengesho ryo mu isengesho ry’abigishwa usenga gakeya? Fata igihe uryibandeho uyu munsi.

_____

_____

_____

Senga isengesho ry’abigishwa uyu munsi, kandi utekereze kuri buri jambo:

“Nuko musenge mutya muti “ ‘Data wa twese uri mu ijuru, Izina ryawe ryubahwe, Ubwami bwawe buze, Ibyo ushaka bibeho mu isi, Nk’uko biba mu ijuru. Uduhe none ibyokurya byacu by’uyu munsi, Uduharire imyenda yacu, Nk’uko natwe twahariye abarimo imyenda yacu, Ntuduhane mu bitwoshya, Ahubwo udukize Umubi, Kuko ubwami n’ubushobozi n’icyubahiro ari ibyawe, none n’iteka ryose. Amen.’”
Matayo 6:9-13

Kujya Imuhengeri

1. “Ubuntu bwo gutanga” ni iki, kandi kuki tubukeneye igihe dukora igikorwa cy’umwuka cyo gutanga?

_____

_____

_____

2. Kuki igikorwa cy’umwuka cyo gusenga kigomba gukorerwa mu ibanga?

_____

_____

_____

3. Mbese wizera Imana “iriho” aho kwizera “iyariho”? Bitandukana bite?

_____

_____

_____

4. “Gusubiramo amagambo” bivuze iki? Tanga urugero. Kuki ari bibi?

_____

_____

_____

5. Ni iki cyangwa ni nde ugomba gutumbira mu gihe urimo gukora igikorwa cy’umwuka cyo gusenga? Kuki?

_____

_____

_____

6. Kuki ari ingenzi kumenya ko Imana ari Data wa twese?

_____

_____

_____

7. Imana imenya ibyo dukennye mbere yuko dusaba. Mbese kwisabira kune kugaragara mu isengesho ry’Umwami guhina gute ibyifuzo byacu?

_____

_____

_____

8. Kuki iri sengesho ari “Isengesho ry’abigishwa” kuruta uko ryaba “Isenegsho ry’Umwami”?

_____

_____

_____

9. Ni nde ugomba kwerekezwaho amasengesho? Ni gute kandi kuki atari ko bimera mu masengesho yose?

_____

_____

_____

10. “Gusubiramo isengesho” inshuro nyinshi bitandukana bite no “gusubiramo amagambo atagira umumaro” mu isengesho?

_____

_____

_____

11. Mu magambo makeya, sobanura icyo uba uvuze iyo usenze ngo, “Izina Ryawe ryubahwe,” “Ubyo Ushaka bikorwe mu isi,” “Ubwami Bwawe buze.”

_____

_____

_____

12. Andika amazina y’Imana yose ubona mu byanditswe byera.

Koresha inkusanyamagambo ya Bibiliya cyangwa ibindi bitabo bisobanura Bibiliya byagufasha. Ni ayahe muri ayo mazina asobanura Imana uko umaze kuyibona?

_____
_____
_____

13. "Ubwami bw'Imana" ni iki?

_____
_____
_____

14. Umushumba Woodward asobanura ate amagambo, "ntuduhane mu bitwoshya"?

_____
_____
_____

Kubabarira No Kwiyiriza Ubusa

Igice Cya 19
Inyigisho Y'ijwi: Ikiwbiriza Cyo Ku Musozi 19

Intego: Kumenya igikorwa cy'umwuka cyo kwiyiriza ubusa. (Matayo 6:14-18)

"Kuko nimubabarira abantu ibyaha byabo, na So wo mu ijuru azababababarira namwe, ariko nimutababarira abantu, na So na we ntazababababarira ibyaha byanyu. "Kandi nimwiyiriza ubusa ntimukabe nk'indyarya zigaragaza umubabaro, kuko bagaragaza umubabaro kugira ngo abantu babarebe ko biyirije ubusa. Ndababwira ukuri yuko bamaze kugororerwa ingororano zabo. Ariko weho niwiyiriza ubusa wisige amavuta mu mutwe, wiyuhagire mu maso, kugira ngo abantu batamenya ko wiyirije ubusa keretse So uri ahihererye, kandi So ureba ibyihererye azakugororera.'" Matayo 6:16-18

Kimwe no gutanga no gusenga, kwiyiriza ubusa na ko kugomba kwerekezwa ku Mana, ntabwo kugomba gukorwa ku mpamvu yo gushimisha abantu. Kimwe n'ibindi bikorwa dukora, Imana iha umugisha icyo ibona, intego cyangwa icyo umutima ugamije. Nk'uko gutanga biduha amahirwe yo kwisuzuma uko dukunda Imana, kwiyiriza ubusa biduha amahirwe yo gusuzuma urwego duheraho agaciro iby'umwuka kuruta iby'umubiri. Binagaragaza ukuri kw'amasengesho dusenga.

1. Ni Ukuri cyangwa si Ukuri? Yesu yibwiye ko abigishwa be baziyiriza ubusa.
2. Ni ukru cyangwa si Ukuri? Abafarisayo bashakaga ko abantu babona kwiyiriza ubusa kwabo kuko byatumaga bagaragaraga ko ari abanyamwuka cyane kurusha abandi.
3. Ni Ukuri cyangwa si Ukuri? Kwiyiriza ubusa bidufasha kwibanda ku by'umwuka no gushyira Imana ku mwanya wa mbere.

4. Ni Ukuri cyangwa si Ukuri? Dushingiye kuri Matayo 7:21, tubona ko kwiyiriza ubusa byongera imbaraga amasengesho.
5. Ni ukuri cyangwa si Ukuri? Iyo hagize umenya ko wiyirije ubusa, kwiyiriza kwawe ntabwo kuba kukigize akamaro.

> *"Arabasubiza ati 'Ni ukwizera kwanyu guke: ndababwira ukuri yuko mwaba mufite kwizera kungana n'akabuto ka sinapi, mwabwira uyu musozi muti 'Va hano ujye hirya' wahava, kandi ntakizabananira. Ariko bene uwo ntavanwamo n'ikindi keretse gusenga no kwiyiriza ubusa.'"* Matthew 17:20-21

Cyeretse bihinduwe, naho ubundi urasabwa guhitamo igisubizo kimwe cya buri kibazo.

6. Ni gute Yesu ashaka ko kumaso hacu hasa nitwiyiriza ubusa?
   a. Tugaragaze akababaro
   b. Tugaragaze umuruho n'inzara
   c. Tugaragaze ko turi abanyamwuka kurusha abandi bose
   d. Habe hakeye kandi twishimye

7. Kuki Yesu yashakaga ko abigishwa be biyiriza ubusa?
   a. Kugira ngo babone igikundiro cy'Imana kandi ibumve
   b. Kugaragaza ko bari bashoboye kwiyiriza ubusa
   c. Kugira ngo batumbire Imana aho gutumbira ibyifuzo byabo
   d. Kugira ngo bagire ubugingo buzira ndwara

8. Ni ikihe gice cy'ubuzima bwacu kizahoraho iteka?
   a. Umubiri
   b. Ibitekerezo
   c. Umwuka cyangwa ubugingo bwacu
   d. Ntacyo

Wari wigera wiyiriza ubusa mu ibanga, ukabikora nk'igikorwa cy'ikijyejuru kigaragaza kwizera Imana? Imyumvire yawe yahinduwe ite no gusenga ko kwiyiriza ubusa? Niba utari wigera ubikora, tangira ukore igikorwa cyo kwiyiriza ubusa.

_____

_____

_____

Imana ishimirwe ko n'ubwo umubiri wawe warwara ndetse ukanapfa, umwuka wawe cyangwa ubugingo bwawe buzahoraho iteka ryose. Saba Imana ikuyobore mu gikorwa cyo kwiyiriza ubusa uko ibishaka. Saba Imana ikwigishe ndetse igushoboze gukora igikorwa cyo kwiyiriza ubusa.

Kujya Imuhengeri

1. Mbese kubabarirwa kwacu byaba biterwa n'uko tubabarira abandi? Kuki ari byo cyangwa kuki atari byo?

   _____
   _____
   _____

2. Kuki Yesu atubwira kubabarira abaducumuyeho?

   _____
   _____
   _____

3. Ni butumuwa ki dukura mu mugani w'umugaragu wababariwe ariko we akanga kubabarira uwamucumuyeho?

   _____
   _____
   _____

4. Ushingiye ku nyigisho z'Umushumba Woodward, agaciro cyangwa akamaro ko kwiyiriza ni akahe?

   _____
   _____
   _____

5. Kuki iyo twiyirije ubusa tugomba kubigira ibanga?

   _____
   _____
   _____

6. Wari wigera wiyiriza ubusa mu ibanga nk'igikorwa cy'ikijyejuru kigaragaza kwizera Imana? Sobanura uko byahinduye uburyo utekereza Imana?

   _____

   _____
   _____

7. Imyumvre yawe yahinduwe ite no gusenga ko kwiyiriza ubusa?

   _____
   _____
   _____

Indangagaciro z'Umwuka

Igice Cya 20
Inyigisho y'Ijwi: Ikibwiriza Cyo Kumusozi 20

Intego: Kumenya indangagaciro umwigishwa wa Yesu agomba kugira. (Matayo 6:19-34)

"Ntimukibikire ubutunzi mu isi, aho inyenzi n'ingese ziburya, kandi abajura bacukura bakabwiba. Ahubwo mwibikire ubutunzi mu ijuru, aho inyenzi n'ingese zitaburya, n'abajura ntibacukure ngo babwibe, kuko aho ubutunzi bwawe buri ari ho n'umutima wawe uzaba." Matayo 6:19-21

Imwe mu mpamvu ituma abantu bagira ibibazo byinshi cyane

ni uko badafite indangagaciro nzima. Abigishwa bafite imyumvire mizima bagira indangagaciro nzima. Ni cyo gituma bashobora kumera nk'umunyu n'umucyo mu isi; iby'agaciro byabo bishingira ku buzima bw'iteka ryose aho gushingira ku butunzi bw'isi.

Uko dukoresha amafaranga n'ubutunzi bundi bigaragaza indangagaciro zacu izo ari zo. Umutima w'umuntu uhora kubyo duha agaciro. Mbese tubaho dushakisha iby'igihe gito cyangwa ibizahoraho iteka ryose? Dushingiye kubyavuzwe na Yesu, twamenyeshwa indangagaciro zacu izo ari zo n'ibyo dukoresha igihe cyacu, ibyo dutekereza, imigambi yacu iyo ari yo, ndetse n'ibyo dukorera. Birashoboka ko wakorera Umwami umwe gusa, ntabwo wakorera Imana n'amafaranga. Ariko iyo dukoreye Imana n'umutima wose, tubona ubuzima bwuzuyemo umunezero n'amahoro.

1. Ni ukuri cyangwa si Ukuri? Nta sano ihari hagati y'ibyo duha agaciro n'imiterere y'imitima yacu?
2. Ni Ukuri cyangwa si Ukuri? Indangagaciro zacu n'imyumvire yacu bigaragaza ko twuzuye umucyo cyangwa umwijima.
3. Ni Ukuri cyangwa si Ukuri? Ubwo Yesu yavugaga "ubutunzi" bwacu, yavugaga amafaranga gusa, ntabwo yavugaga igihe, ingabire n'impano, n'ubundi butunzi?

Cyeretse nibihindurwa, naho ubundi urasabwa guhitamo igisubizo kimwe gusa cya buri gisubizo.

4. Kuki Yesu yavuze ko abigishwa be batagomba gukoresha imbaraga zabo bashaka ubutunzi bw'isi?
   a. Ibintu byo ku isi nta kamaro bifite.
   b. Ubutunzi bw'isi iteka ryose butakaza agaciro kandi buribwa.
   c. Kugira ubutunzi ni icyaha.
   d. Ni uko abakene bonyine ari bo bakizwa.
5. Ni iki "ijisho" rivuga mu byanditswe byera?
   a. Ibitekerezo byacu
   b. Umurimo Wacu
   c. Ubwenge Bwacu
   d. Ijambo ry'Imana

6. Ubwo Yesu yavugaga ko umwigishwa we atagomba gukesha abami babiri, ni uwuhe mwami yavugaga atari Imana?
   a. Icyubahiro
   b. Amafaranga
   c. Akazi

d. Umuryango

7. Ni ibihe bintu muri ibi byose bikubuza gukorera Yesu? *(Hitamo ibyo ubona byose ko ari igisubizo)*

Gutera Imbere	Amashuri
Imigambi y'ejo hazaza	Gushaka Icyubahiro
Akazi	Inshuti
Umuryango	Kwamamara
Ubutunzi	Ibyakubase

Muri ibi bintu byanditse haruguru, wavuga imyumvire cyangwa igikorwa Yesu, nk'Umwami wawe yakubujije gukora ku mpamvu yo kugirirwa neza kwawe? Ni iki wakora igihe kimwe muri ibi bintu gitangiye kubangamira umubano wawe n'Imana?

_____

_____

_____

Dushimire Imana ko itwigisha indangagaciro zayo no kuduhamagarira kuyikunda no kuyikorera kuruta ibindi byose. Yibaze niba ishaka ko uhindura indangagaciro zawe maze uyumvire mu buryo bwose yaba ishaka ko ubigenza.

Kujya Imuhengeri

1. *"Aho ubutunzi bwawe buri niho umutima wawe uba."* Reba aho amafaranga yawe ajya maze usubize iki kibazo, "Nshingiye ku hantu ubutunzi bwange buri, umutima wange uri he?"

_____

_____

_____

2. Ibyo dukoresha amafaranga yacu n'ubuzima bwacu bigaragaza "imyumvire yacu ku buzima." Waba urimo kugerageza kubaho ubuzima bwa gikristo ukoresheje imyumvire ya gipagani? Bisobanure.

_____

_____

_____

3. Bivuze iki "Ijisho ryuzuyemo umucyo cyangwa umwijima"?

_____

_____

_____

4. Urimo gusuzuma indangagaciro zawe, ibyo ukunda n'ibyo ushaka kugeraho, ubona ari ibihe bihabanye na Matayo 6:33?

_____

_____

_____

5. Kuki Umwami adashimishwa "n'akazuyazi,"

abadashyushye kandi ntibakonje”?

_____
_____
_____

6. Mbese waba ufite umugambi wo kugira igitekerezo kimwe maze ukemerera ubuzima bwawe bwa Gikristo gushingira ku myumvire ya Bibiliya? Niba ari byo, ni gute?

_____
_____
_____

7. Ufite myumvire ki? Ufite ndangagaciro ki? Ihurira he n’iya Yesu tubona mu Kibwiriza cyo Kumusozi?

_____
_____
_____

Indangagaciro z’Ubwami

Igice cya 21
Inyigisho y’Ijwi: Ikibwiriza cyo Kumusozi 21

Intego: Kumenya ibidutera ubwoba, iby’agaciro byacu, n’isezerano ry’Imana ryo kutwitaho. (Matayo 6:25-34)

“Ni cyo gitumye mbabawira nti: ntimukiganyire ngo mutekereze ubugingo muti ‘Tuzarya iki?’ Cyangwa muti ‘Tuzanywa iki?’ Ntimwiganyire ngo mutekereze iby’umubiri wanyu ngo ‘Tuzambara iki?’ Mbese ubugingo ntiburuta ibyokurya, umubiri nturuta imyambaro?...Ahubwo mubanze mushake ubwami bw’Imana no gukiranuka kwayo, ni bwo ibyo byose muzabyongererwa. Ntimukiganyire mutekereza iby’ejo, kuko ab’ejo baziganyira. Umunsi wose ukwiranye n’ibibi byawo.’” Matayo 6:25, 33-34

Iki cyanditswe kivuga kwiganyira, ariko inyigisho nyamukuru ya cyo ni indangagaciro. Iyo twihebye, tuba tugaragaza ibyo duha agaciro cyane n’ukuntu twizera ko Imana yatwitaho. Buri mwigishwa wa Yesu wese agomba kugira kintu “agamije,” kikagira uruziga rwirabvura hagati ruhagarariye gutegeka kw’Imana mu mutima we. Hanze y’urwo ruziga hose hagomba kugirwa n’Umwami w’Abami atwereka ibikwiriye ibyo ari byo. Ibyo duhangayikira byose tuzabihabwa na Data wo mu Ijuru.

Yesu atubwira ko tugomba gushaka Ubwami bw’Imana no gukiranuka kwayo kuruta ibindi byose. Ibi nibyo bigomba guhora mu bitekerezo byacu. Imana izatwitaho; inshingano

yacu ni ukuyikurikira nk'Umwami kandi tugashaka Ubwami bwa yo. Iyo ari yo dushyizeho umutima by'ukuri, izindi ndangagaciro zigira umwanya ukwiriye mu mitima yacu.

1. Ni Ukuri cyangwa si Ukrui? Yesu atubwira kudahangayikishwa n'ibintu tudafiteho ubushobozi. [SEP]
2. Ni Ukuri cyangwa si Ukuri? Yesu adusezeranya ko dushobora kubaho tudahangayitse nk'inyoni n'ibyatsi byo mu ishyamba.
3. Ni Ukuri cyangwa si Ukuri? Imana ntabwo imenya ibyo dushaka cyeretse ari uko tubiyibwiye.
4. Ni Ukuri cyangwa si Ukuri? Imana ntabwo iduha ibyo dukennye cyeretse ari uko tubikoreye.
5. Ni Ukuri cyangwa si Ukuri? Yesu yatubwiye ko tutagomba kwitegurira ejo hazaza.
6. Kuri uru rutonde, ca akarongo ku bintu bijya biguhangayikisha cyane (Ibisubizo biratandukanye ku bantu batandukanye). Hanyuma ushyire akamenyetso ko gukosora ku bintu biri mu masezerano y'Imana.

Ibyokurya	Imyambaro
Amafaranga	Aho kuba
Inzoga	Akazi
Inshuti	Abana
Umugabo/Umugore	Imigambi y'jo hazaza

Cyeretse nibihindurwa, naho ubundi urasabwa guhitamo igisubizo kimwe kuri buri kibazo.

7. Haba iki iyo duhangayikishijwe n'ibintu tudafiteho ububasha? [SEP]
   a. Imana ntabwo yita ku byifuzo byacu iyo tugaragaje ko ko tutabyitayeho.
   b. Guhangayika ni ubundi buryo bwo gusenga Imana ijya isubiza.
   c. Guhangayika bigira imbaraga zidasanzwe zo guhindura imibereho yacu. [SEP]
   d. Kwiheba kwacu nta cyo bimara.

8. Ni buryo ki tuba twambaye mu "mwuka"? *(Hitamo ibyo ubona ko ari ibizubizo byose)*
   a. Iyo twambaye imyambaro igezweho
   b. Iyo twambaye ubukiranutsi bwa Kristo.
   c. Iyo twambaye imbuto y'Umwuka. [SEP]
   d. Iyo twambaye imyambaro y'abapadiri.
   e. Iyo twambaye imirimo myiza.

9. Ni bintu ki tugomba gushoramo ubuzima bwacu? [SEP]
   a. Ibintu byasenywa cyangwa bikibwa.
   b. Ubutunzi bw'iteka ryose tutakwamburwa. [SEP]
   c. Ubuzima bw'umutuzo n'ibyishimo. [SEP]

d. Gushaka amahoro y'isi.

Mbese waba wariyemeje burundu gushaka ubwami bw'Imana no gukiranuka kwayo utitangiriye? Niba utarabikora, ubuzwa n'iki kubikora?

_____
_____
_____

Imana ishimwe ko yaduhaye isezerano ryo kudahangayikira ubuzima. Yisabe kugira ngo iguhe kwizera no kwakira iryo sezerano ndetse igufashe gushaka ubwami bwayo kuruta ibindi byose.

Kujya imuhengeri

1. Vuga ibintu byo mu buzima bwawe byaguhamirije ko Matayo 6:33 ari ukuri.

   _____
   _____
   _____

2. Vuga ukuntu ibyifuzo byawe bijya bikemurwa? Ni gute ujya utandukanya ibyifuzo n'ibikenerwa byawe, igihe cyawe n'igihe cy'Umwami?

   _____
   _____
   _____

3. Twamenya dute ibintu tugomba gukenera n'ibyo tutagomba guhangayikira?

   _____
   _____
   _____

4. Mbese hari icyo guhangayika bitubwira ku bintu tugomba kwiringiraho Imana n'ibyo tutagomba kuyiringiraho? Uhangayikishwa n'iki?

   _____
   _____
   _____

5. Ni nde cyangwa ni iki ushaka ndetse ukorera umunsi ku wundi? Mbese waba ufite umugambi w'ubuzima bwawe? Ibi bivuze iki ku ndangagaciro zawe?

   _____
   _____
   _____

6. Ujya ugira ikibazo cyo gusobanura iby'agaciro kuri wowe? Ukoresha iki kubisobanura?

   _____
   _____
   _____

7. Wari wagirana umubano n'Imana maze ikakubera Umwami? Wari wajya mu bwami bw'Imana? Bisobanure.

   _____

_____
_____

8. Tanga ibihamya by'uko wavutse ubwa kabiri.
_____
_____
_____

9. Sobanura icyo bivuze kugira umunezero udashingiye ku kuntu ibintu bimeze.
_____
_____
_____

10. Sobanura uko indangagaciro zigwa hakoreshejwe urugero cyangwa gutanga ikitegererezo.
_____
_____
_____

11. Umuntu ureba hejuru cyangwa usenga agira ndangagaciro ki? Zirikana ibyanditse muri Matayo 6:33.
_____
_____
_____

Itsinda rya ba "Jyewe Mbere"

Igice cya 22
Inyigisho y'Ijwi: Ikibwiriza cyo Ku Musozi 22

Intego: Kwiyemeza gukora ibyo Yesu yigishije, no gusobanukirwa itandukaniro riba hagati y'abigishwa ba Yesu nyakuri n'abatari bo. (Matayo 6:19-34; 7:1-6)

"Ntimugacire abandi urubanza mu mitima yanyu kugira ngo namwe mutazarucirwa, kuko urubanza muca ari rwo muzacirwa namwe, urugero mugeramo ari rwo muzagererwamo namwe." (Matayo 7:1-2)

Yesu yigishije abigishwa be kureba mu buzima bwabo maze bakamenya ko imyumvire ye myiza uko ari umunani yabagira umunyu n'umucyo iyi si ikeneye. Yanabigishije kureba ababazengurutse, bagashyira mu bikorwa iyo myumvire myiza umunani mu bantu babana nabo, barangiza bakareba hejuru maze bakakira imikoro y'umwuka ndetse n'indangagaciro zitangwa n'Imana bakeneye kugira ngo bakomeze kuba abigishwa b'ingira kamaro.

Igice cya nyuma cy'Ikibwiriza cyo Kumusozi ni ikibazo kigira kiti: "Ibyo uzi uzabikoresha iki?" Igihe cyose Yesu yahoraga ashimangira gushyira mu bikorwa; ibyo umwigishwa yizera cyangwa yemera, arabikora. Nuko rero, atangira igice cya karindwi avuga ibintu bitatu byatuma ikibwiriza cye kiba impamo mu bugingo bwabo.

Abigishwa ba Yesu ntabwo bagomba kuba indyarya. Twebwe dukunda kwibanda cyangwa kwita ku bibazo by'abandi aho kwita ku byacu. Yesu yabajije ibibazo bibiri bikomeye, ari byo: "Ni iki gituma ukora ibyo bintu?" na, "Ni gute wabikora neza?" Intego y'iyi nyigisho ni ukugira ngo abigishwa ba Yesu bajye bakemura ibibazo byabo mbere yuko bafasha abandi gukemura ibyabo.

1. Ni Ukuri cyangwa si Ukuri? Kugira ngo dushobore kubwira isi indangagaciro z'ubwami, ni uko tugomba kubanza kuzigira.
2. Ni Ukuri cyangwa si Ukuri? Ibibazo byose Yesu yabajije mu kibwiriza cyo Kumusozi yabibajije abamurwanyaga.
3. Ni Ukuri cyangwa si Ukuri? Ubwo Yesu yavugaga ngo ntitugace imanza, yarimo kuvuga ko tutazigera tugira icyo tuvuga ku bandi bantu.
4. Ni Ukuri cyangwa si Ukuri? Muri iki cyanditswe, Yesu yarimo kuvuga ngo tugomba kujya tubanza gukemura ibibazo byacu.

Cyeretse nibihindurwa, naho ubundi urasabwa gutanga igisubizo kimwe kuri buri kibazo.

5. Ni ikihe muri ibi bibazo Yesu atabajije abigishwa be mu Kibwiriza cyo Kumusozi?
   a. Ufite myumvire ki?
   b. Uhangayikishijwe n'ib'iki?
   c. Uri umunyadini bingani iki cyangwa utunganye bingana iki?
   d. Umutima wawe uri hehe?
6. Indangagaciro viba zite ku muntu umwe zikajya ku wundi?
   a. Binyuze mu kwigisha
   b. Binyuze mu gutegeka abantu kumvira
   c. Binyuze mu kureba cyangwa kwitegereza
   d. Binyuze mu kuzisoma
7. Ni iki tugomba kubanza gukora iyo tubonye umuntu akora ibidakwiriye cyangwa afite imyumvire mibi?
   a. Kwisuzuma ubwacu
   b. Kumubwira kureka gukora icyaha
   c. Kubwira abandi ukuntu uwo muntu ari umunyabyaha
   d. Kwirengagiza icyo kibazo burundu
8. Ni iki Yesu avuga ku bantu bacira abandi imanza birengagije ibibazo byabo ubwabo?
   a. Baba bakora ibikwiriye.
   b. Ni indyarya.
   c. Baba basobanukiwe Amategeko neza.
   d. Baba barahindutse burundu kuburyo bacira abandi imanza.
9. Ubwo Yesu yavugaga ngo ntitugahe ingurube imarigarita zacu, ni iki yavugaga?
   a. Kubwiriza abadakijijwe ubutumwa bwiza ni ukwangiza umwanya.
   b. Hari abantu badakwiirye gukizwa.
   c. Imyumvire y'uhirwa ni ibanga ryejwejwe, kuburyo

ritagomba kubwirwa buri muntu wese.

d. Tugomba kugira ubwenge bwo gushishoza igihe turimo kuganira n'abanzi ndetse n'abadashaka kumva.

Ni buryo ki bishoboka ko wacira imanza abandi? Ni bintu ki biri mu buzima bwawe utekereza ko Imana ishaka ko ubanza gukemura?

_____
_____
_____

Imana ishimwe ko iturebana imbabazi kandi ikatubabarira. Yisabe iguhe iyo myumvire kugira ngo nawe uyigirire abandi nk'uko iyikugirira.

Kujya Imuhengeri

1. Kuki umuntu agomba kubanza kuvuka ubwa kabiri kugira ngo asobanukirwe ubutumwa Yesu yabwiye Nikodemu muri Yoahana 3?

_____
_____
_____

2. Wari wabona Imana mu buzima bwawe kuburyo bituma umenya ko ari Imana ndetse ikaba Umwami? Niba byarakubayeho, ni mpinduka ki byazanye mu buzima bwawe?

_____
_____
_____

3. Ni buryo ki ubona ko bishoboka ko wacira abantu imanza?

_____
_____
_____

4. Ni bintu ki biri mu buzima bwawe utekereza ko Imana ishaka ko ubanza gukemura?

_____
_____
_____

5. Ubwo Yesu yavugaga ngo ntitugahe ingurube imarigarita zacu, ni iki yavugaga?

_____
_____
_____

6. Vuga ubusobanuro bwa Bibiliya bw'ijambo "kwatura."

_____
_____
_____

7. Vuga igihe ubwo wigeze guha ingurube imarigarita zawe.

_____
_____

_____

8. Kuki tugomba kubanza kwisuzuma mbere yuko dufasha abandi?

_____

_____

_____

Kuza no Kugenda kw'Abigishwa

Igice cya 23
Inyigisho y'Ijwi: Ikibwiriza cyo Kumusozi 23

Intego: Kumenya ubutumire bwa Yesu bwo guhozaho mu masengesho no kumenya itegeko riruta ayandi, rikubiyemo inyigisho za Bibiliya zose. (Matayo 7:7-12)

"Musabe muzahabwa, mushake muzabona, mukomange ku rugi muzakingurirwa. Kuko umuntu wese usaba ahabwa, ushatse abona, n'ukomanga agakingurirwa. Mbese muri mwe hari umuntu umwana we yasaba umutsima akamuha ibuye, cyangwa yamusaba ifi akamuha inzoka? Ko muri babi kandi mukaba muzi guha abana banyu ibyiza, none So wo mu ijuru ntazarushaho guha ibyiza ababimusabye? 'Nuko ibyo mushaka ko abantu babagirira byose mube ari ko mubagirira namwe, kuko ayo ari yo mategeko n'ibyahanuwe.'" Matayo 7:7-12

Yesu yabwiye abayoboke be kwiyemeza "kureba hejuru." Ni uko tubona imikoro y'umwuka n'indangagaciro zitangwa n'Imana. Yesu yavuze akoresha inshinga zikomezamo ari zo "usaba, ushaka, na ukomanga" kugira ngo ashishikarize abigishwa be guhora bareba hejuru kandi bihanganye. Gushaka ni uguhora gusaba cyane, kandi gukomanga ni uguhora ushaka cyane. Yesu yarimo guhamagarira abigishwa be kuba abantu bashaka Imana cyane. Yasezeranije ko usaba wese, ushaka wese, n'ukomanga wese muri ubu buryo azasubizwa. Hanyuma Yesu yanzura inyigisho ye muri aya magambo: "Ukorere abandi ibyo wifuza ko bagukorera." Iri ni ryo Tegeko Rikuru.

1. Ni Ukuri cyangwa si Ukuri? Yesu yaravuze ngo tujye dusaba Imana ikintu inshuro imwe gusa. Iyo dukomeje

gusaba, bigaragaza ko ari nta kwizera dufite.

2. Ni Ukuri cyangwa si Ukuri? Isezerano ry'uko abashaka bazabona ntabwo ari isezerano ry'agakiza gusa, ahubwo nin'iry'impano z'umwuka, imikoro y'umwuka, indangagaciro, n'ibindi byiza byose Imana iduha.
3. Ni Ukuri cyangwa si Ukuri? Dushingiye kubyavuzwe na Yesu, tubona ko icyo benshi bita Itegeko Rikuru ari cyo gisobanura Amategeko yose.
4. Ni Ukuri cyangwa si Ukuri? Itegeko Rikuru rireba abantu bamwe mu bihe runaka; bitari ibyo hari abantu bashaka kubikoresha kungukira mu kugira neza kwacu.

Cyeretse nibihindurwa, naho ubundi urasabwa guhitamo igisubizo kimwe kuri buri kibazo.

5. Isezerano ryo gusaba no guhabwa ryagenewe nde?
   a. Abigishwa ba Yesu bonyine.
   b. Rubanda nyamwinshi bumvise Yesu uwo munsi.
   c. Umuntu wese!
6. Utekereza ko ari iki gituma abantu benshi batemera ubu butumire bwo guhora dusaba Imana ibyiza? (Gitamo ibyo ubona byose ko ari ibisubizo; ibisubizo biratandukanye ku bantu bose).
   a. Batekereza ko iri sezerano atari ukuri.
   b. Batakaza kwizera nyuma yo gusaba rimwe cyangwa kabiri.
   c. Ntabwo bumva ko iri sezerano ari iryabo.
   d. Ntabwo bazi ko iri sezerano riba muri Bibiliya.
   e. Ntabwo bazi icyo iri sezerano rivuze..
   f. Ntabwo bemera ko Imana ibitaho.
7. Ni iki muri ibi kigaragaza inshingano nyamuru y'itorero rya Kristo?
   a. Kuba umuryango wihariye w'abantu batoranijwe.
   b. Guhoza abantu mu byiyumviro.
   c. Kuba umuryango w'ivugabutumwa mu isi.
   e. Guha Abakristo urubuga rwo guhuriraho n'abandi.
8. Ni he muri aba bantu ugomba gushyira mu bikorwa Itegeko Rikuru? *(Hitamo ibyo ubona ko ari ibisubizo byose)*

Uwo mwashakanye	Abana
Inshuti	Abo mukorana
Abarimu	Abanyeshuri
Abanyamahanga	Abantu mudahuje urwego
Abanzi	Abo muvukana
Abandi Bakristo	Abatazi Kristo

Ni bintu ki cyangwa mahirwe ki umaze igihe ushakira Uwiteka? Utekereza ko Uwiteka ashaka ko ukomeza gusaba kugeza ryari? Isezerano yahaye abakomeza gusaba, gushaka, no gukomanga ni irihe?

_____

_____

_____

Imana ishimwe ko yaduhaye isezerano ryo gusubiza amasengesho yacu bishingiye mu bwenge bwayo n'urukundo rwayo. Yisabe kugira ngo igufashe kubaho uko Itegeko Rikuru rivuga, gukorera abandi ibyo wifuza ko bagukorera ndetse ikwereke amahirwe yo kuba wabikora.

Kujya Imuhengeri

1. Ni bintu ki cyangwa mahirwe ki umaze igihe ushakira Uwiteka?

_____
_____
_____

2. Kuki Uwiteka ashaka ko duhozaho dushaka Yesu n'imigisha ye? Vuga umugani wa Yesu ugaragaza iri hame.

_____
_____
_____

3. Ni iyihe mibereho Itegeko Rikuru rishyirwa mu ngiro aho ukorera? Mu rugo?

_____
_____
_____

4. Igice kiruhije cyangwa kigoye cy'Itegeko Rikuru ni ikihe? Kuki?

_____
_____
_____

5. Mbese wiyemeje "kwisuzuma, kureba hejuru, no kureba mu bakuzengurutse," nk'uko Umushumba Woodward abivuga? Urateganya kubikora ute?

_____
_____
_____

6. Kuki kugendera Umwami bidatanga umusaruro iyo utabanje kuza ku Mwami?

_____
_____
_____

7. Sobanura uko itorero ari umuryango w'ivugabutumwa?

_____
_____
_____

Gukurikira Yesu

Igice cya 24
Inyigisho y'Ijwi: Ikibwiriza cyo Kumusozi 24

Intego: Gusobanukirwa guhamagarwa gukuru Yesu aha buri muntu ushaka kumukrikira. (Matayo 7:13-27)

"Munyure mu irembo rifunganye, kuko irembo ari rigari, n'inzira ijyana abantu kurimbuka ari nini, kandi abayinyuramo ni benshi. Ariko irembo rifunganye, n'inzira ijya mu bugingo iraruhije, kandi abayinyuramo ni bake....Umuntu wese umbwira ati 'Mwami Mwami,' si we uzinjira mu bwami bwo mu ijuru, keretse ukora ibyo Data wo mu ijuru ashaka....Nuko umuntu wese wumva ayo magambo yanjye akayakomeza, azaba nk'umunyabwenge wubatse inzu ye ku rutare.'" (Matayo 7:13-24)

Nyuma yo kubaha uguhamagarwa gutatu ko kwiyemeza, kwasojwe n'Iegeko Rikuru, arangije yatanze ubutumire buruhije. Uku ni uguhamgarirwa kuba abigishwa bamaramaje, kuba ibisubizo no gushyira isi ubutumwa bwa Yesu. Ni uguhigwa gukomeye kubaza ngo, "Mbese urashaka kuba ikibazo cyangwa kuba igisubizo?"

Igice cya mbere cy'iki cyanditswe kirabaza ngo, "Uri mwigishwa bwoko ki?" Hari ibisubizo bibiri kuri iki kibazo, ari byo: Ndi muri benshi, cyangwa mu bake. Abenshi bavuga ko ari umunyu n'umucyo, ariko batari byo. Bibwira ko hariho inzira yoroshye yo kuba igisubizo cya Yesu. Ariko abake bazi ko ari nta nzira yoroshye ibaho. Bazi ko irembo rifunganye n'inzira yinjira muri iryo rembo ifunganye, iruhije kandi isaba kwiyemeza.

Igice cy'iki cyanditswe gikurikiraho kirabaza kiti, "Mbese uri umwigishwa nyakuri cyangwa uri umwigishwa w'ibinyoma?" Nyuma Yesu aza kwigisha akoresheje umugani, avuga ko n'abigishwa be utabamenya ukibabona. Iyo witegereje imbuto bera kumara igihe runaka, nibwo watandukanya ab'ukuri n'abatari ab'ukuri.

Igice cya gatatu cy'iki cyanditswe kirabaza kiti, "Mbese uri umwigishwa uvuga gusa, cyangwa ukora, ubushake bwa Data?" Gukora imirimo myinshi myiza ntabwo ari cyo gihamya cy'umubano muzima ufitanye na Kristo. Icyo asubiza ababayeho ubuzima bw'amagambo gusa ni iki: "Nimumve imbere, mwa nkozi z'ibibi mwe." Yesu ntabwo yari umuntu wanga ibibi cyangwa umunyakababaro. Yakundaga ukuri. Yarigishije aravuga ngo ubuzima bugira imiraba, kandi nta muntu ufite ubudahangarwa. Abubakira ubuzima bwabo ku nyigisho ze bazarokoka, ariko abatabwubakira ku nyigisho ze ntabwo bazarokoka. Ikibwiriza cye gikomeye agisozanya ikibazo kigira kiti: "Uri umwigishwa bwoko ki?" Igisubizo utanga n'icyo kigaragaza ko uzarokoka cyangwa utazarokoka imiraba y'ubuzima.

1. Ni Ukuri cyangwa si Ukuri? Kuba umunyu n'umucyo mu isi biroroha.

2. Ni Ukuri cyangwa si Ukuri? Abemera ibiri byo, bakavuga ibiri byo, kandi bakita Yesu "Umwami" ni abigishwa be nyakuri.

3. Ni Ukuri cyangwa si Ukuri? Kumva amagambo ya Yesu no kuyashyira mu bikorwa ntabwo ari kimwe.

4. Ni Ukuri cyangwa si Ukuri? Yesu yabwiye abigishwa be ko uzamwumvira wese atazahura n'imiraba.

Cyeretse nibihindurwa, naho ubundi urasabwa guhitamo igisubizo kimwe gusa kuri buri kibazo.

5. Dushingiye ku byavuzwe na Yesu, tubona ko uburyo bwiza bwo kumenya abahanzi b'ibinyoma ari?
   a. Kubamenyera ku mbuto bera.
   b. Kubamenyera ku kuntu basa
   c. Kubamenyera ku magambo bavuga
   d. Kubamenyera ku kuntu bitandukanya n'abigishwa cyangwa abizera nyakuri.

6. Ni iki Yesu azabwira abamwita "Umwami" ariko ntibamwizere kandi ntibamwumvire by'ukuri?
   a. Azababwira ati "Mwarageraageje."
   b. Azababwira ati "Nimumve imbere."
   c. Azababwira ati "Nimukoze mugerageze."
   d. Azababwira ati "Kunyita Umwami birahagije."

7. Ni iki twakora kugira ngo turokoke imiraba?
   a. Kwizera Yesu
   b. Kwita Yesu "Umwami"
   c. Gukora ibyo Yesu yavuze
   d. Gutangazwa n'inyigisho za Yesu.

Umenya ute ko uri umwigishwa wa Yesu nyakuri? Iyo ubonye hari uburyarya bukurimo mu mubao wawe na Yesu, ni iki wakora kugira ngo uburandure bukuvemo?

_____

_____

_____

Shimira Imana ko yaguhaye amagambo yayo atanga ubugingo. Yisabe kugira ngo igushoboze kuyimenya

byimbitse, igushoboze kumaramaza kuba umuyoboke wa Yesu, ndetse ikugire ikoresho cyayo gitanga igisubizo mu isi.

Kujya Imuhengeri

1. Mbese haba hari itandukaniro rihari hagati y'ibyo uvuga n'ibyo ukora? Wakuraho ute iryo tandukaniro?

_____
_____
_____

2. Mbese waba ubizi niba uri umwigishwa wa Yesu nyakuri? Waban awe uri ikibazo, cyangwa uri igisubizo? Niba uri igisubizo, uri gisubizo bwoko ki?

_____
_____
_____

3. Ni iki Umwami arimo kugukoresha mu rwego rwo gufasha abandi?

_____
_____
_____

4. Vuga igihe wigeze kugeramo bikaba ngombwa ko uhitamo hagati y'irembo "rigari" n'irifunganye."

_____
_____
_____

5. Mbese ivugabutumwa rigirwa cyane no kuvuga cyangwa gukora? Kuki?

_____
_____
_____

6. Ni myitozo ki y'umwuka urimo gukoresha kugira ngo umenye Yesu mu buryo bwimbitse? Sobanura.

_____
_____
_____

7. Ni iki gifite akamaro mu bigendanye n'iherezo ryacu, imirimo myiza myinshi cyangwa kumenya Kristo? Kuki?

_____
_____
_____

Ikibwiriza cyo Kumusozi Isuzume Ihe amanota 1-5 (Igisuizo 1)

Matayo 5

1	Nkeneye Imana mu bugingo bwange V3	1	2	3	4	5
2	Birambaza iyo nkosheje V4	1	2	3	4	5
3	Ncishije make kandi nciye bugufi V5	1	2	3	4	5
4	Nkora uko nshoboye ngo nkore ibyiza V6	1	2	3	4	5
5	Ndi umunyembabazi V7	1	2	3	4	5
6	Mfite imigambi iboneye V8	1	2	3	4	5
7	Ndi umwunzi V9	1	2	3	4	5
8	Mbayeho kubw'Imana n'ubwami bwayo V10	1	2	3	4	5
9	Abantu bose banzi nk'umuyoboke wa Yesu V11	1	2	3	4	5
10	Hari imirimo myiza nakoze hambere aha V16	1	2	3	4	5
11	Ndagerageza kubaha Imana n'ijambo ryayo V19	1	2	3	4	5
12	Ndimo kwigisha abandi ijambo ry'Imana	1	2	3	4	5

	V19					
13	Hari umuntu ndakariye muri iki gihe V22	1	2	3	4	5
14	Fata abantu bose nkaho baremwe mu ishusho y'Imana V23	1	2	3	4	5
15	Hari umuntu ushaka kungirira nabi V23	1	2	3	4	5
16	Mfite ikibazo cy'ubuhehesi V28	1	2	3	4	5
17	Ndarikiye umuntu tutashakanye V28	1	2	3	4	5
18	Nirinda abantu, ahantu n'ibintu binyoshya gukora ibyaha V30	1	2	3	4	5
19	Ntekereza ubutane iyo ndimo kwirengagiza uwo twashakanye V32	1	2	3	4	5
20	Nubahiriza byo niyemeje kandi nkasohoza ijambo ryange V37	1	2	3	4	5
21	Ndihorera V39	1	2	3	4	5
22	Nihutira kubabarira V39	1	2	3	4	5
23	Nkunda gutanga V42	1	2	3	4	5
24	Nsengera abo nanga kandi bandwanya V44	1	2	3	4	5
25	Nkunda kandi nkagirira neza abanyanga V47	1	2	3	4	5
	Matayo 6					
26	Ndimo gukora imirimo myiza ngo nshimishe Imana aho gushimisha abantu V1	1	2	3	4	5
27	Ndimo gusabana n'Imana mu masengesho y'urujya n'uruza V6	1	2	3	4	5
28	Hari umuntu nkeneye kubabarira V14	1	2	3	4	5
29	Niyiriza ubusa nihereranye n'Imana V16	1	2	3	4	5
30	Uutunzi bwange bubitse mu ijuru V21	1	2	3	4	5
31	Ngerageza gukorera Imana n'amafaraganga V24	1	2	3	4	5
32	Nizeye ko Imana izamara ubukene V25	1	2	3	4	5
33	Mpangayikira ibizaba ejo hazaza V34	1	2	3	4	5
	Matayo 7					
34	Ncira abandi imanza V1	1	2	3	4	5
35	Njugunyira ingurube imarigarita zange	1	2	3	4	5
	V6					
36	Iyo nsenze, ndasaba, nkashaka kandi nkakomanga V7	1	2	3	4	5
37	Mfata abandi uko nifuza ko bamfata V12	1	2	3	4	5
38	Iyo mfashe ibyemezo mpitamo inzira y'ubugingo V14	1	2	3	4	5
39	Imyitwarire yange ibwira abantu ko ndi Umukristo V16	1	2	3	4	5
40	Ntega amatwi Imana kandi ndayumvira iyo hari icyo imbwiye V21	1	2	3	4	5
41	Ndimo kubakiraa ubugingo bwange ku Rutare aho kubwubakira ku mucanga V24	1	2	3	4	5

SEP

Nsoza, ndagusaba ko nk'umwigishwa wa Yesu Kristo wandika ibyo wumva Imana ishaka ko wiyemeza gukora.

Ubikorera Imana:

_____

_____

_____

Ubikorera abantu mu bana, umuryango wawe, inshuti zawe, n'abandi:

_____

_____

_____

Ubikorera abandi bigishwa ba Yesu (Itorero):

_____

_____

_____

Ubikorera abanzi bawe n'abataramenya Ubutumwa bwiza: